


RGB
Rwanda Governance Board

# RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2023-2024

# GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2024-2025

Nzeri 2024

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw
Rwanda Governance Board-RGB RGB Rwanda

RGB
Rwanda Governance Board

# URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

## RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2023-2024

## GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2024-2025

# IJAMBO RY'IBANZE

IJAMBO RY'IBANZE

2024

Itegeko rishyiraho Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rikanagena inshingano, imitunganyirize n'imikorere byarwo riteganya ko RGB igomba gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. Ni muri urwo rwego RGB itanze iyi raporo ku nshuro ya munani. Mu izina rya RGB no mu izina ryanjye bwite, nejejwe no kubagezaho Raporo y'ibikorwa y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024 na Gahunda y'ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, RGB yari yateganyije ibikorwa 53, muri byo 52 bihwanye na 98% byarakozwe birarangira. Ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y'u Rwanda 2.972.069.056 arimo 1.882.582.645 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta ndetse na 1.089.486.411 yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'imiyoborere. Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku kigero cya 92,6% aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku kigero cya 94,2% naho iy'imishinga ikoreshwa ku kigero cya 89,7%.

Ibikorwa by'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025 bizibanda ku bushakashatsi ku miyoborere, igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi, gukurikirana imikorere y'imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki, kujya inama ku iterambere n'imikorere by'urwego rw'itangazamakuru. RGB izanakomeza kubaka ubufatanye n'imikoranire n'inzego zitandukanye hagamijwe guteza imbere amahame y'imiyoborere no kunoza imitangire ya serivisi mu nzego zose.

Mu izina ry'ubuyobozi bwa RGB ndashima inzego zose, abafatanyabikorwa n'abakozi b'Urwego ku ruhare bagize mu bikorwa RGB yakoze mu mwaka wa 2023-2024 byagize uruhare mu guteza imbere imiyoborere n'imitangire ya serivisi bishyira umuturage ku isonga. Ibi bikorwa kandi byashobotse kubera ingengo y'imari RGB igenerwa na Leta binyuze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi. Ibyagezweho biduha inshingano nka RGB yo gukomeza kubaka ubufatanye mu bikorwa biteza imbere imiyoborere, imitangire ya serivisi, imikorere y'imiryango itari iya leta, iy'ishingiye ku myemerere, iy'imitwe ya politike n'iy'urwego rw'itangazamakuru bitanga umusanzu ufatika mu iterambere ry'igihugu.

**Dr. Doris Uwicyeza Picard**
**Umukuru w'Urwego**

## IBIRIMO

Ijambo ry'ibanze IV
Ishakiro VI
Urutonde rw'Amashusho VIII
Urutonde rw'Amakarita VIII
Urutonde rw'Imbonerahamwe VIII
Urutonde rw'amagambo mpine X

Incamake 1
Inshingano n'ububasha bya RGB 5

1. IGICE CYA MBERE: IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2023– 2024 7

1.1.Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda 8
1.1.1. Incamake y'ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 11) 8
1.1.2. Incamake ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) 13
1.1.3. Incamake y'ubushakashatsi kuri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD ya 3) 18
1.1.4 Ubushakashatsi ku guzuma uruhare rwa gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 21
1.1.5. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku miyoborere 21
1.1.6. Gusesengura ibyegeranyo Mvamahanga bivuga ku Rwanda 24
1.1.7. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana ubushakashatsi bukorwa ku miyoborere no ku buryo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda 30
1.1.8. Ibikwiriye kwitabwaho byagaragajwe n'ubushakashatsi 31

1.2. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyoborere myiza n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) 33
1.2.1. Kugenzura imitangire ya serivisi mu bigo 45 mu nzego za leta, iz'abikorera n'iz'imiryango itari iya leta 33
1.2.2. Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera" 35
1.2.3. Ibiganiro n'inzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta bijyanye no kunoza imitangire ya serivisi 35
1.2.4. Kumenyekanisha no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi (quality service delivery standards) 36
1.2.5. Gukora isesengura ryimbitse ku miyoborere n'imitangire ya serivisi mu rwego rwihariye 38
1.2.6. Amarushanwa y' Umurenge Kagame Cup (UKC) 40
1.2.7. Ubukangurambaga ku miyoborere, imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda Imiyoborere twifuza 43
1.2.8. Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (Pr-Pl) 44
1.2.9. Ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'amashuri makuru 46
1.2.10. Gutegura inama ziteganywa n'amabwiriza y'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) 46
1.2.11. Ibikwiye kwitabwaho byagaragajwe n'igenzura ku mitangire ya serivisi n'imiyoborere 48

1.3. IMIRYANGO ITARI IYA LETA, ISHINGIYE KU MYEMERERE, FONDASIYO N'IMITWE YA POLITIKI 49
1.3.1. Kwandika imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki 50
1.3.2. Kumenyekanisha ikoranabuhanga "e-Imiryango" 51
1.3.3. Kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko mu miryango itari iya leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki 51
1.3.4. Uruhare rw'Imiryango Mvamahanga itari iya leta 54

1.3.5. Ibiganiro n' imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 57
1.3.6. Kongerera ubushobozi imitwe ya politiki 59
1.3.7. Kongerera ubushobozi imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere 59
1.3.8. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'iterambere rya sosiyete sivile (RCSB 2023) 60
1.3.9. Gutanga amahugurwa ku miryango itari iya leta no gukora gahunda yo kwigiranaho. 61
1.3.10. Ibikwiriye kwitabwaho byagaragaye mu miryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 61

1.4. Gukurikirana, kubaka ubushobozi no guhuza ibikorwa by'itangazamakuru 62
1.4.1. Ubushakashatsi ku gipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda (Rwanda Media Barometer - RMB 5th Edition) 63
1.4.2. Kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru 63
1.4.3. Guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru 67
1.4.4. Gukurikirana uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru 68
1.4.5. Gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bunyamwuga n'iterambere ry'itangazamakuru 69
1.4.6. Gutegura Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru 70
1.4.7. Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru 71
1.4.8. Ibikwiriye kwitabwaho mu rwego rw'itangazamakuru 72

1.5. IBIGANIRO KU MIYOBORERE 73
1.5.1. Amatsinda aturutse hanze y'u Rwanda RGB yakiriye 73
1.5.2. Ibiganiro RGB yatanze mu bafatanyabikorwa batandukanye 75
1.6. Ubuyobozi n'imirimo rusange 76
1.6.1. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko 76
1.6.2. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire 77
1.6.3. Ubugenzuzi bw'imari ya Leta y'umwaka wa 2022-2023 78
1.6.4. Kongerera ubushobozi Urwego n'abakozi barwo 78
1.6.5. Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi 78

**IGICE CYA KABIRI: GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2024-2025** 80

2. GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2024-2025 81
2.1. Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo 81
2.2. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza no guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) 81
2.3. Imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki 82
2.4. Gukurikirana, kubaka ubushobozi no guhuza ibikorwa by'itangazamakuru 82
2.5. Ubuyobozi n'imirimo rusange no kubaka ubushobozi bw'Urwego 82
2.6. Ingengo y'imari ya RGB ya 2024-2025 83

**IGICE CYA GATATU:** 84

IMIGEREKA 85

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho ya 1: Umubare w'inkingi, ibipimo n'udupimo bya RGS ya 11) 8
Ishusho ya 2: Ikigereranyo cya RGS ya 10 n'iya 11 12
Ishusho ya 3: Umubare w'inkingi, ibipimo n'udupimo bya ECD Scorecard ya 3 19
Ishusho ya 4: Imikoreshereze y'ingengo y'imari 77

## URUTONDE RW'AMAKARITA

Ikarita ya 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC ya 2024 16

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe ya 1: Incamake y'ibyavuye mu Gipimo cy'Imiyorere mu Rwanda (RGS ya 11) 10
Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage 14
Imbonerahamwe ya 3: Uko ibyiciro bihagaze ugereranyije CRC 2024 na CRC 2023 15
Imbonerahamwe ya 4: Uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere 17
Imbonerahamwe ya 5: Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi kuri gahunda y'ingo mbonezamikurire y'abana bato 20
Imbonerahamwe ya 6: Incamake y'ibyavuye mu isuzuma rya serivisi z'ubutaka 34
Imbonerahamwe ya 7: Ibiganiro ku mitangire ya serivisi 35
Imbonerahamwe ya 8: Uko inzego za Leta zasuwe zashyize mu bikorwa ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi 36
Imbonerahamwe ya 9: Inzego zasuzumwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo fatizo ku mitangire ya serivisi 37
Imbonerahamwe ya 10: Amakipe n'abantu bahize abandi mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup 2024" 41
Imbonerahamwe ya 11: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'aho gukorera haboneye 45
Imbonerahamwe ya 12: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'imitangire ya serivisi 45
Imbonerahamwe ya 13: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'imicungire y'umutungo 45
Imbonerahamwe ya 14: Imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki byagenzuwe 52
Imbonerahamwe ya 15: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ry'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 52
Imbonerahamwe ya 16: Gukemura amakimbirane mu miryango 54
Imbonerahamwe ya 17: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango Mvamahanga itari iya leta 55
Imbonerahamwe ya 18: Bimwe mu bikorwa by'ingenzi byakozwe n'imwe mu miryango Mvamahanga itari iya Leta 56
Imbonerahamwe ya 19: Imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere yatewe inkunga 59
Imbonerahamwe ya 20: Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by' itangazamakuru mu Rwanda 63
Imbonerahamwe ya 21: Amahugurwa yahawe abanyamakuru 65
Imbonerahamwe ya 22: Inzego n'imiryango bashyigikiye itegurwa rya DJA 68
Imbonerahamwe ya 23: Ibikwiye kwitabwaho mu rwego rw'itangazamakuru 72
Imbonerahamwe ya 24: Ingengo y'imari yakoreshejwe 76
Imbonerahamwe ya 25: Amahugurwa yahawe abakozi ba RGB 78
Imbonerahamwe ya 26: Ingengo y'imari ya RGB 2024-2025 83

# IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE

| | |
|---|---|
| ARFEM | Association Rwandaise des Femmes des Medias |
| ARJ | Association Rwandaise des Journalistes |
| CRC | Citizen Report Card |
| CSOs | Civil Society Organizations |
| DDAG | Deepening Democracy through strengthening citizens' participation and Accountable Governance |
| DJA | Development Journalism Awards |
| ECD | Early Childhood Development |
| IEP | Institute for Economics and Peace |
| JADF | Joint Action Development Forum |
| LAF | Legal Aid Forum |
| MIFOTRA | Ministry of Public Service and Labour |
| MIGEPROF | Ministry of Gender and Family Promotion |
| MINALOC | Ministry of Local Government |
| MINECOFIN | Ministry of Finance and Economic Planning |
| MINICT | Ministry of ICT and Innovations |
| MoH | Ministry of Health |
| NBAs | Non-Budget Agencies |
| NCDA | National Child Development Agency |
| NFPO | National Consultative Forum of Political Organizations |
| NPSC | National Public Service Commission |
| NST1 | National Strategy for Transformation |
| PR-PL | Peer Review-Peer Learning |
| RBA | Rwanda Broadcasting Agency |
| RCSB | Rwanda Civil Society Barometer |
| RCSP | Rwanda Civil Society Platform |
| RDB | Rwanda Development Board |
| RGB | Rwanda Governance Board |

| | |
|---|---|
| RGS | Rwanda Governance Scorecard |
| RJSD | Rwanda Journalists for Sustainable Development |
| RMB | Rwanda Media Barometer |
| RMC | Rwanda Media Commission |
| RRA | Rwanda Revenue Authority |
| RSB | Rwanda Standards Board |
| RSSB | Rwanda Social Security Board |
| RURA | Rwanda Utilities Regulatory Authority |
| UKC | Umurenge Kagame Cup |
| UNDP | United Nations Development Program |
| WMOC | Women Media Owners Company |
| WMP | Women in Media Platform |

# INCAMAKE

Iyi raporo igaragaza ibyagezweho n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024 na gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2024-2025.

Ibyakozwe bikubiye mu byiciro bitandatu (6) bikurikira: (1) Ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo, (2) Kugenzura imitangire ya serivisi, guteza imbere imiyoborere myiza n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere, (3) Kwandika, gukurikirana no kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta (4) Guteza imbere urwego rw' itangazamakuru, (5) Ibiganiro bishimangira ubufatanye n'imikorere inoze (6) n'imirimo rusange ishyigikira ibikorwa by'Urwego.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, RGB yari yateganyije ibikorwa 53 Muri byo 52 bihwanye na 98% byarakozwe birarangira.

Ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y'u Rwanda 2.972.069.056 arimo 1.882.582.645 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta ndetse na 1.089.486.411 yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'imiyoborere. Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku kigero cya 92,6% aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku kigero cya 94,2% naho iy'imishinga ikoreshwa ku kigero cya 89,7%.

Mu rwego rw'ubushakashatsi, RGB yakoze Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Scorecard 11th Edition). Muri RGS ya 11, inkingi esheshatu (6) ku munani ziri ku gipimo cya 80% kuzamura mu gihe ebyiri (2) zisigaye ziri ku gipimo kiri hagati ya 75% na 79,9%. Inkingi y'Umutekano ni yo yaje ku isonga n'amanota 93,82% mu gihe inkingi yo Kuzamura imibereho myiza y'abaturage ari yo yaje inyuma n'amanota 75,21% ikaba yarasubiye inyuma ho 0.30% ugereranyije na RGS ya 10.

RGB yanakoze ubushakashatsi ku Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC). CRC 2024 yagaragaje ko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi ku kigero cya 76,5%. Ibyiciro 9 kuri 16 byasuzumwe biri hejuru ya 75%, aho umutekano waje ku isonga n'amanota 91,3% naho ubuhinzi buza ku mwanya wa nyuma n'amanota 61,5%.

Ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA), RGB yakoze ubushakashatsi kuri gahunda mbonezamikurire y'abana bato (ECD program). Ubu bushakashatsi bwibanze ku nkingi esheshatu (6) ari zo: Imirire, Ubuzima, Isuku n'isukura, Uburere buboneye, Gutegura umwana kwiga hakiri kare ndetse no Kurinda no kurengera umwana. Ubushakashatsi bugaragaza ko inkingi y'ubuzima ari yo iri ku isonga n'amanota 83.9%; akaba ari na yo yari imbere muri ECD Scorecard ya mbere n'iya kabiri. Inkingi yo kurinda no kurengera umwana iri ku gipimo cya 41,5% akaba ari nayo ikomeje kuza inyuma muri ubu bushakashatsi.

Mu mwaka wa 2023-2024 hatangijwe ubushakashatsi bwo guzuma uruhare rwa gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hagamijwe kureba akamaro izi gahunda zagiriye Abanyarwanda

n'ibyo abantu bazigiraho mu gihe kizaza. Ubu bushakashatsi bukorwa ku ku bufatanye bwa RGB n'abashakashatisi ba Kaminuza ya Calgary (Canada). Ibiganiro abashakashatsi bagiranye n'ibyiciro bitandukanye by'abaturage n'abayobozi byagaragaje ko gahunda nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo zatanze umusanzu muri ibi bikurikira: Ubutabera bwunga, Ubuyobozi n'imiyoborere, gusigasira indangagaciro nyarwanda no guteza imbere uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, kwihutisha iterambere, no kuzamura imibereho myiza y'abaturage.

RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo Mvamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze mu byiciro binyuranye hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando Mvamahanga aho muri uyu mwaka hasesenguwe ibyegeranyo birindwi (7).

Mu mwaka wa 2023-2024, RGB yakoze isuzuma ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka. Iri suzuma ryakorewe mu nzego 92 zirimo Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubutaka, Umujyi wa Kigali, uturere, imirenge n'utugari hanabazwa abaturage 2.228 basabye izi serivisi. Hasuzumwe serivisi zijyanye no kwandikisha ubutaka, gutanga ibyangombwa byo kubaka no guhererekanya uburenganzira ku butaka.

Ibyavuye mu igenzura bigaragaza ko serivisi zijyanye no kwandikisha ubutaka zishimwa ku gipimo 74,16%, izo gutanga ibyangombwa byo kubaka zishimwa ku gipimo cya 75,92% naho izo guhererekanya uburenganzira ku butaka zishimwa ku gipimo cya 74,76%.

Mu rwego rwo kongera ubumenyi bw'inzego zitandukanye ku mahame y'imitangire ya serivisi no kuzikangurira kuyashyira mu bikorwa, RGB yatanze ibiganiro ku mitangire ya serivisi ku bayobozi n'abakozi banyuranye mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali binyuze muri gahunda ya "Nk'Uwikorera". Ibiganiro byitabiriwe n'abaturutse mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta. Ubu bukangurambaga bwanakozwe hifashishijwe ibiganiro byatambutse mu bitangazamakuru.

Mu mwaka utangirwa raporo, RGB yakurikiranye uko inzego zitandukanye zishyira mu bikorwa ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi ari byo: Gutanga serivisi ku gihe, Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi, Korohereza abasaba serivisi kuzigeraho, Uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana, Kwita ku bakugana, Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi n'Ibikoresho n'ibikorwaremezo. Hakozwe igenzura ry'ibi bipimo mu nzego 22 harimo zirindwi zasuwe na 15 zandikiwe zisabwa raporo z'uko zashyize mu bikorwa ibi bipimo. Igenzura ryagaragaje ko hakiri icyuho mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibi bipimo.

Bigendanye n'inshingano ifite yo guteza imbere imiyoborere myiza, RGB yakurikiranye ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho byakozwe mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali. RGB yashyikirijwe gahunda na raporo byahurijwe ku rwego rwa buri ntara n'Umujyi wa Kigali irazisesengura, inatanga inama ku bikeneye kunozwa mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho.

Ku bufatanye n'ubuyobozi bw'intara, Umujyi wa Kigali, uturere n'abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere, RGB yateguye inama ziteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe agenga imikorere ya JADF. Hakozwe inama nyunguranabitekerezo imwe muri buri ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse n'inama enye mpuzabikorwa z'igihembwe. Izi nama zari zigamije gukurikirana, guhuriza hamwe ibikorwa no kujya inama ku cyarushaho

guteza imbere uruhare rwa JADF mu iterambere.

Ku birebana na JADF kandi, RGB ku bufatanye n'umuryango Imbuto foundation, yakoze isuzuma ku mikorere ya JADF mu turere 15 hibandwa ku byakozwe mu gihe cy'imyaka itanu (2018-2023). Isuzuma ryerekanye ko abafatanyabikorwa ba JADF banyuzwe n'imikorere y'Inteko rusange ya JADF ku kigero cya 82,7% na Komite Nyobozi ku kigero cya 76,5%. Ku rundi ruhande ariko, 10,1% by'ababajijwe bagaragaje ko batazi imikorere y'Inteko Rusange, mu gihe 14,2% bagaragaje ko batazi imikorere ya Komite Nyobozi. Isuzuma ariko ryerekanye ko hari ibigikeneye kunozwa mu mitegurire y'inama z'Inteko rusange na komite nyobozi za JADF kuko izo nzego zidaterana uko biteganywa n'itegeko.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufatanyije na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisiteri ya Siporo, intara n'Umujyi wa Kigali, uturere n'imirenge hateguwe amarushanwa y'imiyoborere myiza azwi nk'Umurenge Kagame Cup. Aya marushanwa, yitabiriwe n'amakipe y'abagabo n'abagore mu mikino ikurikira: umupira w'amaguru, sit-ball, volleyball, basketball, gusiganwa ku magare, gusiganwa ku maguru, gusimbuka urukiramende no kubuguza. Aya marushanwa yahawe insanganyamatsiko igira iti "Imyaka 30 y'imiyoborere ishyira umuturage ku isonga".

Ubutumwa bwatanzwe muri aya marushanwa bwibanze ku gukangurira abaturage kugira uruhare mu miyoborere myiza ndetse no mu bibakorerwa, kunoza imitangire ya serivisi, gukangurira urubyiruko guteza imbere impano zabo, kwirinda no kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, ubusinzi n'andi makosa ababuza kwiteza imbere. Abaturage bashishikarijwe kandi kuzitabira ibikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika n'Abadepite yari ateganyijwe kuva tariki 14 kugeza tariki 16 Kamena 2024. Abahize abandi muri aya marushanwa bahawe ibihembo birimo amafaranga, imidari, ibikombe n'imipira yo kwambara.

Mu mwaka wa 2023-2024, RGB yanditse imiryango nyarwanda itari iya Leta mishya 230 harimo 121 yahawe ubuzima gatozi na 109 yahawe icyangombwa cy'iyandikwa cy'agateganyo. Handitswe kandi imiryango ishingiye ku myemerere 22 harimo 19 yahawe ubuzima gatozi n'itatu (3) yahawe icyangombwa cyo guhuza n'itegeko. Imiryango Mvamahanga itari iya Leta mishya 21 yahawe ibyangombwa biyemerera gukorera mu Rwanda, 113 yongererwa igihe cyo gukorera mu Rwanda. Raporo zatanzwe n'imiryango Mvamahanga itari iya Leta zagaragaje ko iyi miryango yakoresheje ingengo y'imari ingana n'amadorali y'Amerika 268.245.761 mu mishinga itandukanye.

Ku bufatanye na UNDP, RGB yatanze inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 514.337.285 ku miryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 31, mu rwego rwo kuyubakira ubushobozi no gushyira mu bikorwa imishinga itandukanye iteza imbere abaturage.

Mu mwaka wa 2023-2024, RGB yakoze ku nshuro ya gatanu (5) ubushakashatsi ku gipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda (Rwanda Media Barometer 2024). Ubushakashatsi bwagaragaje ko igipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda kiri kuri 76,7%. Muri RMB 2024, Igipimo cy'Ishyirwaho ry'amategeko na politiki byorohereza imikorere y'itangazamakuru ni cyo cyaje imbere kuri 90% mu gihe igipimo cy'Ubushobozi n'ubunyamwuga bw'itangazamakuru ari cyo cyaje inyuma kuri 60,7%.

Mu bibazo byagaragajwe n'ubu bushakashatsi bikeneye kwitabwaho by'umwihariko harimo

amikoro adahagije mu bitangazamakuru, ubunyamwuga bwa bamwe mu banyamakuru bukiri hasi, umubare ukiri hasi w'abanyamakuru b'abagore n'imikoreshereze itanoze y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

Mu rwego rwo guteza imbere itangazamakuru, RGB yateye inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 354.822.968 ibikorwa by'amashyirahamwe y'abanyamakuru abiri (ARJ, ARFEM) n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura (RMC). Iyi nkunga yakoreshejwe mu bikorwa by'aya mashyirahamwe bigamije guteza imbere urwego rw'itangazamakuru, guteza imbere ubunyamwuga bw'abanyamakuru no gukora imirimo y'ibanze yo gushyiraho Koperative y'Abanyamakuru (MEDECO).

Mu bikorwa bijyanye n'ubuyobozi n'imirimo rusange, hibanzwe ku gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2023-2024 no gutegura iby'umwaka wa 2024-2025, imicungire y'ingengo y'imari n'abakozi, kongerera ubushobozi Urwego n'abakozi barwo, kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose by'Urwego no mu bafatanyabikorwa.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yakoze ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'ingengo y'imari RGB yahawe mu mwaka wa 2022-2023. Ibyavuye muri ubu bugenzuzi byerekana ko RGB yabonye raporo nta makemwa (unqualified audit opinion). Iyi raporo igaragaza kandi ko RGB yashyize mu bikorwa ku gipimo cy'ijana ku ijana (100%) inama yari yagiriwe mu bugenzuzi bwa 2021-2022.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, RGB yateganyije ibikorwa 37 bizatwara ingengo y'imari y'amafaranga y' u Rwanda 2.155.154.787, arimo 1.933.233.657 azava mu ngengo y'imari ya Leta na 221.921.130 azava mu bafatanyabikorwa.

# INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RGB

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere ni urwego rwashyizweho n'itegeko N°56/2016 ryo ku wa 16/12/2016, rukaba rufite inshingano zikurikira:

1. Kugenzura mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya leta ;
2. Gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda, kugaragaza uko abaturage babona ibibakorerwa no kubimenyekanisha;
3. Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda no gushyiraho uburyo bwabyazwa umusaruro;
4. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo byaba bikorwa n'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;
5. Kugira Leta inama ku ishyirwamubikorwa rya politiki yo kwegereza ubushobozi n'ubuyobozi abaturage no gutanga inama ku bikorwa byo kongerera ubushobozi inzego z'ibanze;
6. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi zinoze no kubigiramo inama Guverinoma n'izindi nzego bireba;
7. Kugira inama Leta ku birebana na politiki n'ingamba bifitanye isano no kwimakaza imikorere n'imiyoborere myiza biteza imbere Igihugu;
8. Gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu nzego z'ubuyobozi ku mategeko akurikizwa mu Gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro ajyanye n'imiyoborere;
9. Gushyiraho ingamba zo gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no kubigaragarizwa;
10. Kwandika, gutanga ubuzimagatozi ku miryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere no gukurikirana ko imikorere yayo ikurikiza amategeko;
11. Kwandika imiryango Mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo;
12. Kwandika Imitwe ya politiki no gukurikirana imikorere yayo;
13. Guteza imbere itangazamakuru no gutanga inama ku mikorere yaryo;
14. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere;
15. Gukorana n'abantu, ibigo n'amashyirahamwe byo mu gihugu ndetse n'ibyo mu mahanga bikora imirimo imwe;
16. Gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi izindi nzego za Leta zivugwa muri iri tegeko;
17. Gushyiraho imirongo ngenderwaho mu iyandikwa ry'imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere kandi rufite ububasha bukurikira:

- Gusaba ibisobanuro ku byerekeye imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta n'iz'abikorera no gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi inzego cyangwa abakozi bagaragaweho imikorere mibi;
- Gusaba ibisobanuro, guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa cyangwa kwambura ubuzimagatozi imiryango itari iya Leta cyangwa imiryango ishingiye ku myemerere;
- Guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda ku miryango Mvamahanga itari iya Leta;
- Gufatira ibyemezo Umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa n'amategeko;
- Kwemeza ko uburyo bukoreshwa mu Rwanda ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo no gukurikirana ubukoresha nabi cyangwa ubukoresha atabifitiye uburenganzira.

# 1



IGICE CYA MBERE

# IBYAKOZWE MU MWAKA

WA 2023– 2024

# 1.1 UBUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE NO GUTEZA IMBERE UBURYO BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO MU RWANDA


Mu bijyanye n'ubushakashatsi n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda, mu mwaka wa 2023-2024 hari hateganyijwe gukora no kumenyekanisha ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda, ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye n'ubushakashatsi kuri gahunda mbonezamikurire y'abana bato (ECD Scorecard ya 3). Hari hanateganyijwe gusesengura ibyegeranyo Mvamahanga bivuga ku Rwanda, no gutanga uburenganzira bw'ibanze ku bushakashatsi bukorwa ku miyoborere no ku buryo bwo kwishakamo ibisubizo. Raporo z'ubushakashatsi bwakozwe ziri ku mugereka w'iyi raporo.

## 1.1.1. INCAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI KU GIPIMO CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RGS YA 11)


Igipimo cy'Imiyoborere ni ubushakashatsi bukorwa hagamijwe kugaragaza ishusho y'imiyoborere mu Rwanda no gutanga amakuru afasha mu igenwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki zitandukanye zirebana n'imiyoborere n'iterambere by'Igihugu.

**RGS YA 11 IGIZWE N'INKINGI 8, IBIPIMO 35 N'UDUPIMO 150 NK'UKO BIGARAGAZWA N'ISHUSHO IKURIKIRA:**


**Ishusho ya 1: Umubare w'inkingi, ibipimo n'udupimo bya RGS ya 11**




Aho byavuye: RGS ya 11




Muri RGS ya 11, inkingi esheshatu (6) ku munani ziri ku gipimo cya 80% kuzamura mu gihe ebyiri (2) zisigaye ziri ku gipimo kiri hagati ya 75% na 79,9%. Inkingi y'Umutekano ni yo yaje ku isonga n'amanota 93,82% mu gihe inkingi yo Kuzamura imibereho myiza y'abaturage ari yo yaje inyuma n'amanota 75,21% ikaba yarasubiye inyuma ho 0,30% ugereranyije na RGS ya 10.




Ibipimo 22 muri 35 bigize inkingi za RGS ya 11 biri ku kigero cya 80% kuzamura, naho ibipimo 13 biri hagati ya 60% na 79,9%. Ku birebana n'udupimo, 95 ku 150 turi ku kigero cya 80% kuzamura, udupimo 46 turi hagati ya 60% na 79,9%, udupimo 7 turi hagati ya 40% na 59,9%, mu gihe udupimo 2 ari two turi munsi ya 40% nk'uko byari muri RGS ya 10.

# IMBONERAHAMWE YA 1:
# INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU GIPIMO

## INKINGI 1 — IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO — 88,51%

- IGIPIMO 1: Imikorere y'ubucamanza — 78,53%
- IGIPIMO 2: Imikorere y'ubushinjacyaha — 90,17%
- IGIPIMO 3: Kubona ubutabera ku gihe — 86,02%
- IGIPIMO 4: Imikorere y'Inteko Ishinga Amategeko — 99,33%

## INKINGI 2 — UBURENGANZIRA MU BYA POLITIKI N'UBWISANZURE BW'ABATURAGE — 88,00%

- IGIPIMO 1: Demokarasi n'ubwisanzure — 85,23%
- IGIPIMO 2: Uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu miyoborere — 80,66%
- IGIPIMO 3: Imikorere y'imitwe ya politiki — 91,85%
- IGIPIMO 4: Kubona amakuru afitwe n'inzego za Leta — 86,75%
- IGIPIMO 5: Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu n'iry'amasezerano mpuzamahanga — 95,54%

## INKINGI 3 — IMIYOBORERE ABATURAGE BAGIZEMO URUHARE KANDI IDAHEZA — 85,84%

- IGIPIMO 1: Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa — 88,06%
- IIGIPIMO 2: Kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage — 89,24%
- IGIPIMO 3: Uruhare rw'imiryango itari iya Leta — 78,89%
- IGIPIMO 4: Gusaranganya ubutegetsi — 93,80%
- IGIPIMO 5: Uburinganire mu nzego z'ubuyobozi — 79,20%

## INKINGI 4 — UMUTEKANO — 93,82%

- IGIPIMO 1: Kubungabunga umutekano — 96,92%
- IGIPIMO 2: Umutekano rusange w'Igihugu — 95,54%
- IGIPIMO 3: Umutekano w'abantu n'ibintu — 87,51%
- IGIPIMO 4: Ubumwe, ubwiyunge n'imibanire y'abanyarwanda — 95,32%

# CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RGS YA 11)

## INKINGI 5 — KUZAMURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE: 75,21%

- IGIPIMO 1 — Uburezi: 73,24%
- IGIPIMO 2 — Ubuzima: 87,80%
- IGIPIMO 3 — Gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage: 67,82%
- IGIPIMO 4 — Guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kubungabunga ibidukikije: 72,00%

## INKINGI 6 — KURWANYA RUSWA NO GUKORERA MU MUCYO: 86,65%

- IGIPIMO 1 — Ibyaha bijyanye na ruswa: 86,56%
- IGIPIMO 2 — Kurwanya ruswa: 77,60%
- IGIPIMO 3 — Gukorera mu mucyo: 96,07%
- IGIPIMO 4 — Kugaragariza abaturage ibibakorerwa: 86,36%

## INKINGI 7 — IREME RY'IMITANGIRE YA SERIVISI: 75,79%


- IGIPIMO 1 — Serivisi z'imiyoborere: 86,43%
- IGIPIMO 2 — Serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage: 76,50%
- IGIPIMO 3 — Serivisi z'ubukungu: 71,93%
- IGIPIMO 4 — Ubugenzuzi ku mitangire ya serivisi: 76,97%
- IGIPIMO 5 — Imitangire ya serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga: 67,13%

## INKINGI 8 — IMIYOBORERE MU BUKUNGU N'UBUCURUZI: 80,94%

- IGIPIMO 1 — Ibipimo by'ubukungu: 76,98%
- IGIPIMO 2 — Guteza imbere ubucuruzi mpuzamahanga n'inganda: 87,14%
- IGIPIMO 3 — Guteza imbere ishoramari: 83,63%
- IGIPIMO 4 — Imicungire y'ibigo by' ubucuruzi: 76,00%

| AMANOTA | AMABARA |
|---|---|
| 80-100% | ICYATSI KIBISI |
| 60-79.9% | UMUHONDO |
| 40-59.9% | UMUHEMBA |
| 0-39.9% | UMUTUKU |

## Ishusho ya 2: Ikigereranyo cya RGS ya 10 n'iya 11




Aho byavuye: RGS ya 11

Ugereranyije na RGS ya 10, RGS ya 11 igaragaza ko inkingi eshatu ku munani zazamutse, aho iy' Imiyoborere abaturage bagizemo uruhare kandi idaheza ari yo yazamutse kurusha izindi ku kigero cya 1,80%. Ibyo byatewe n'uko politiki yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage yarushijeho gushyirwamo imbaraga.

RGS ya 11 isoreza ku byifuzonama bishingiye ku byavuye mu bushakashatsi ikanerekana uko ibyifuzonama by'izayibanjirije byashyizwe mu bikorwa n'inzego bireba.










## 1.1.2. INCAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI KU ISHUSHO Y'UKO ABATURAGE BABONA IMIYOBORERE N'IMITANGIRE YA SERIVISI MU NZEGO ZIBEGEREYE (CRC)

Ubushakashatsi bwa CRC bukorwa buri mwaka hagamijwe kugaragaza uko abaturage bishimiye imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ndetse n'uruhare bagira mu bibakorerwa. Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi ni ugufasha inzego zegereye abaturage kunoza imitangire ya serivisi no kurushaho kurangwa n'imiyoborere ishyira umuturage ku isonga. Ubushakashatsi bwakorewe ku baturage 10.538 mu gihugu hose, bunatanga akazi ku bakarani b'ubushakashatsi 84.

CRC 2024 yubakiye ku byiciro 16 bikubiye mu nkingi eshatu za gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1), arizo: Ubukungu, Imibereho myiza n'Imiyoborere. Mu bukungu hasuzumwe ubuhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ikoranabuhanga n'itumanaho, ubutaka n'imiturire ndetse n'urwego rw'abikorera. Mu mibereho myiza hasuzumwe uburezi, ubuzima, isuku, gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ndetse n'imibereho y'umuryango nyarwanda. Mu nkingi y'Imiyoborere hasuzumwe serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

CRC 2024 yagaragaje ko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi ku kigero cya 76,5%. Ibyiciro 9 kuri 16 byasuzumwe biri hejuru ya 75%, aho umutekano waje ku isonga n'amanota 91,3% naho ubuhinzi buza ku mwanya wa nyuma n'amanota 61,5%.

### Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage

| ICYICIRO | CRC 2024 |
|---|---|
| Umutekano | 91,3% |
| Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi | 90,2% |
| Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 89,2% |
| Ubutabera | 81,6% |
| Ubworozi | 76,8% |
| Urwego rw'abikorera | 76,7% |
| Ubuzima | 76,2% |
| Uburezi | 76,0% |
| Ikoranabuhanga n'itumanaho | 75,3% |
| Inzego z'ibanze | 74,9% |
| Imibereho y'umuryango nyarwanda | 74,9% |
| Isuku | 74,1% |
| Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye | 74,0% |
| Ibikorwaremezo | 67,7% |
| Ubutaka n'imiturire | 64,2% |
| Ubuhinzi | 61,5% |
| **IMPUZANDENGO** | **76,5%** |

Aho byavuye: CRC ya 2024




### Imbonerahamwe ya 3: Uko ibyiciro bihagaze ugereranyije CRC ya 2024 na CRC ya 2023

| Nº | ICYICIRO | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Ubutaka n'imiturire | 64,2% | 60,4% | ▲ | 3,8% |
| 2 | Ikoranabuhanga n'itumanaho | 75,3% | 72,8% | ▲ | 2,5% |
| 3 | Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye | 74,0% | 71,8% | ▲ | 2,2% |
| 4 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 89,2% | 87,3% | ▲ | 1,9% |
| 5 | Umutekano | 91,3% | 89,8% | ▲ | 1,5% |
| 6 | Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi | 90,2% | 89,4% | ▲ | 0,8% |
| 7 | Urwego rw'abikorera | 76,7% | 76,2% | ▲ | 0,5% |
| 8 | Isuku | 74,1% | 73,8% | ▲ | 0,3% |
| 9 | Ubworozi | 76,8% | 76,6% | ▲ | 0,2% |
| 10 | Imibereho y'umuryango nyarwanda | 74,9% | 75,1% | ▼ | -0,2% |
| 11 | Ubutabera | 81,6% | 81,8% | ▼ | -0,2% |
| 12 | Uburezi | 76,0% | 76,4% | ▼ | -0,4% |
| 13 | Inzego z'ibanze | 74,9% | 75,8% | ▼ | -0,9% |
| 14 | Ubuhinzi | 61,5% | 63,2% | ▼ | -1,7% |
| 15 | Ubuzima | 76,2% | 77,9% | ▼ | -1,7% |
| 16 | Ibikorwaremezo | 67,7% | 71,0% | ▼ | -3,3% |
| **IMPUZANDENGO** | | **76,5%** | **76,2%** | ▲ | **0,3%** |

Aho byavuye: CRC 2024

# UKO UTURERE DUHAGAZE **MURI CRC YA 2024**

### Ikarita ya 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC ya 2024




Muri rusange, mu turere 17 abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ndetse n'uruhare rwabo mu bibakorerwa ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Akarere ka Huye ni ko kaje ku isonga ku gipimo cya 84,5% mu gihe mu Karere ka Musanze ari ho abaturage bashima ku gipimo cyo hasi cya 70,9%.

### Imbonerahamwe ya 4: Uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere

| N° | AKARERE | CRC 2024 | CRC 2023 | IMPINDUKA | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Huye | 84,5% | 75,1% | ▲ | 9,4% |
| 2 | Kicukiro | 82,8% | 77,6% | ▲ | 5,2% |
| 3 | Nyaruguru | 82,1% | 76,0% | ▲ | 6,0% |
| 4 | Kayonza | 80,9% | 70,5% | ▲ | 10,4% |
| 5 | Ruhango | 79,9% | 72,5% | ▲ | 7,4% |
| 6 | Rwamagana | 79,0% | 78,7% | ▲ | 0,3% |
| 7 | Gicumbi | 78,9% | 75,4% | ▲ | 3,5% |
| 8 | Bugesera | 78,7% | 73,7% | ▲ | 4,9% |
| 9 | Rusizi | 77,8% | 75,6% | ▲ | 2,2% |
| 10 | Gakenke | 77,7% | 78,1% | ▼ | -0,4% |
| 11 | Gisagara | 77,6% | 77,5% | ▲ | 0,2% |
| 12 | Gatsibo | 77,6% | 72,6% | ▲ | 4,9% |
| 13 | Burera | 77,3% | 79,8% | ▼ | -2,4% |
| 14 | Muhanga | 77,0% | 76,2% | ▲ | 0,8% |
| 15 | Nyarugenge | 76,5% | 76,8% | ▼ | -0,4% |
| 16 | Rubavu | 75,4% | 81,1% | ▼ | -5,7% |
| 17 | Nyabihu | 75,2% | 78,2% | ▼ | -2,9% |
| 18 | Nyanza | 74,5% | 75,0% | ▼ | -0,5% |
| 19 | Gasabo | 74,4% | 74,7% | ▼ | -0,3% |
| 20 | Nyagatare | 74,4% | 77,2% | ▼ | -2,8% |
| 21 | Kamonyi | 74,0% | 77,1% | ▼ | -3,0% |
| 22 | Ngoma | 73,8% | 77,1% | ▼ | -3,3% |
| 23 | Kirehe | 73,8% | 76,1% | ▼ | -2,3% |
| 24 | Rulindo | 73,7% | 76,6% | ▼ | -2,9% |
| 25 | Karongi | 73,5% | 76,9% | ▼ | -3,3% |
| 26 | Nyamagabe | 72,8% | 77,3% | ▼ | -4,5% |
| 27 | Nyamasheke | 72,7% | 77,6% | ▼ | -4,8% |
| 28 | Rutsiro | 72,6% | 77,6% | ▼ | -5,0% |
| 29 | Ngororero | 72,3% | 73,3% | ▼ | -1,0% |
| 30 | Musanze | 70,9% | 71,0% | ▼ | -0,1% |
| **Impuzandengo** | | **76,5%** | **76,2%** | ▲ | **0,3%** |

Aho byavuye: CRC ya 2024

ISSN:979-10-92401-09-7

ECD SCORECARD

3rd EDITION




## 1.1.3. INCAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI KURI GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO (ECD SCORECARD YA 3)

Ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA), RGB yakoze ubushakashatsi kuri gahunda mbonezamikurire y'abana bato (ECD program). Ubu bushakashatsi bwakozwe hagamijwe gupima imikorere n'imitangire ya serivisi mu ngo mbonezamukurire y'abana bato no kugaragaza intambwe imaze guterwa mu ishyirwamubikorwa rya serivisi zitangwa mu ngo mbonezamikuririre nk'uko bikubiye muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1).


Ubu bushakashatsi bwakorewe mu turere twose tw'Igihugu, muri two harimo 13 dukoreramo umushinga wo kurwanya igwingira (Stunting Prevention and Reduction Project -SPRP) twagaragayemo imirire mibi n'igwingira ry'abana bato kurusha utundi.

### Ishusho ya 3: Umubare w'inkingi, ibipimo n'udupimo bya ECD Scorecard ya 3




Aho byavuye: ECD Scorecard ya 3

Ubu bushakashatsi bwibanze ku nkingi esheshatu (6) ari zo: Imirire, Ubuzima, Isuku n'isukura, Uburere buboneye, Gutegura umwana kwiga hakiri kare ndetse no Kurinda no kurengera umwana. Ishusho rusange y'ibyavuye mu bushakashatsi iragaragara mu mbonerahamwe ikurikira:




Ubushakashatsi bugaragaza ko inkingi y'ubuzima ari yo iri ku isonga n'amanota 83,9%; akaba ari na yo yari imbere muri ECD Scorecard ya mbere n'iya kabiri. Inkingi yo kurinda no kurengera umwana iri ku gipimo cya 41,5% akaba ari nayo ikomeje kuza inyuma muri ubu bushakashatsi. Ku birebana n'ibipimo, igipimo cyo Kwita ku mwana mbere na nyuma yo kuvuka kiri kuri 87,6% naho kwita ku bana bafite ubumuga n'abafite ibibazo byihariye kiri ku gipimo cya 6,2% akaba ari na cyo gikomeje kuba inyuma muri ubu bushakashatsi.

Ubushakashatsi kuri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD Scorecard ya 3); bunatanga ibyifuzonama bishingiye ku byavuye mu bushakashatsi bukanagaragaza n'inzego bireba.

## 1.1.4 UBUSHAKASHATSI KU GUSUZUMA URUHARE RWA GAHUNDA Z'UMWIMERERE NYARWANDA ZO KWISHAKAMO IBISUBIZO, NYUMA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda rwari mu bibazo byinshi bijyanye n'imibereho, imibanire, ubukungu, ubutabera n'ibindi byinshi abanyarwanda bataboneraga ibisubizo mu bushobozi bwari buhari. Ni muri urwo rwego, hatekerejwe icyakorwa gishingiye ku mwimerere w'Abanyarwanda n'amahirwe ahari mu gushaka ibisubizo by' ibyo bibazo. Ni muri urwo rwego hagiyeho gahunda zo kwishakamo ibisubizo zishingiye ku muco n'indangagaciro by'Abanyarwanda.

Ku bufatanye bw'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere n'abashakashatsi ba Kaminuza ya Calgary (Canada), hatangijwe ubushakashatsi bwo guzuma uruhare rwa gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hagamijwe kureba akamaro izi gahunda zagiriye Abanyarwanda n'ibyo abantu bazigiraho mu gihe kizaza.

Hakozwe ibiganiro (interviews) n'abatekereje ndetse n'abashyize mu bikorwa izi gahunda zo kwishakamo ibisubizo hagamijwe kumenya icyo zagejeje ku Banyarwanda. Ibi biganiro byagaragaje ko gahunda nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo zatanze umusanzu muri ibi bikurikira: Ubutabera bwunga, Ubuyobozi n'imiyoborere, Indangagaciro nyarwanda n'uruhare rw'abaturage, Kwihutisha iterambere, Uruhare rw'abaturage n'Imibereho myiza.

Ubu bushakashatsi buracyakomeje hasuzumwa ibitekerezo by'abagenerwabikorwa b'izi gahunda n'abazishyira mu bikorwa mu nzego z'ibanze.

## 1.1.5. KUMENYEKANISHA IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE

### IMENYEKANISHA RY'IBYAVUYE MURI CRC YA 2023

RGB yakoze imenyekanisha rya CRC ya 2023 mu ntara zose, Umujyi wa Kigali, mu turere 6 no mu nzego zihariye, hagamijwe kuganira ku byavuye muri ubu bushakashatsi no ku ngamba z'ibyagaragaye bikeneye kunozwa. Ibi biganiro byitabiriwe n'abayobozi b'intara n'ab'Umujyi wa Kigali, ab'inzego z'ibanze kuva ku mudugudu kugeza ku karere, abahagarariye inzego za Leta ku rwego rw'Igihugu, ab'inzego z'umutekano, abagize Inama Njyanama z'uturere n'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ku rwego rw'uturere (JADF). Nyuma yo gutangarizwa ibyavuye muri CRC ya 2023, abitabiriye inama bafashe ingamba zo gushyira imbaraga ahagiye hagaragara intege nke no gukomeza gusigasira ibyagezweho.




Uwari Umukuru wa RGB afungura inama yo kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC ya 2023 mu ntara y'Amajyepfo, Ku wa 06 Ukuboza, 2023.

## GUTANGAZA IGIPIMO CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RWANDA GOVERNANCE SCORECARD)

RGB yatangaje ku mugaragaro ibyavuye mu bushakashatsi ku Gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 10 (RGS 10th Edition). Iki gikorwa cyitabiriwe n'abayobozi mu nzego za Leta zitandukanye, abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango Mvamahanga mu Rwanda, abashakashatsi n'impuguke mu miyoborere n'iterambere. Abitabiriye ibi biganiro bagaragarijwe uko ibipimo by'imiyoborere mu Rwanda bihagaze banungurana ibitekerezo ku ngamba zikwiye gufatwa kugira ngo ibipimo bikiri hasi bishobore kuzamuka.




Abayobozi batandukanye bitabiriye imurika ry'ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by'imiyoborere mu Rwanda, ku wa 31 Ukwakira, 2023.




Uwari Umukuru wa RGB amurika ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by'imiyoborere mu Rwanda, ku wa 31 Ukwakira, 2023.



## 1.1.6. GUSESENGURA IBYEGERANYO MVAMAHANGA BIVUGA KU RWANDA

Mu mwaka wa 2023-2024, RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo Mvamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze, hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando Mvamahanga. Ibyegeranyo byakorewe isesengura ni ibi bikurikira: Corruption Perception Index, Africa Visa Openness Index, Global Gender Gap Report, Rule of Law Index, World Press Freedom Index, Global Peace Index ndetse na Chandler Good Government Index.

## GLOBAL GENDER GAP REPORT

| UMWAKA | UMWANYA KU RWEGO RW'ISI | UMWANYA MURI AFURIKA YO MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA | Amanota |
|---|---|---|---|
| 2024 | 39 /146 | 5 | 0,757/1 |
| 2023 | 12 /146 | 2 | 0,794/1 |
| 2022 | 6 /146 | 1 | 0,811/1 |
| 2021 | 7 /156 | 2 | 0,805/1 |
| 2020 | 9 /153 | 1 | 0,791/1 |
| 2018 | 6 /149 | 1 | 0,804/1 |
| 2017 | 4 /149 | 1 | 0,822/1 |

Aho byavuye: Global Gender Gap Report

Icyegeranyo Global Gender Gap Report gikorwa buri mwaka na World Economic Forum (WEF), kigamije kwerekana uko ibihugu bihagaze ku birebana n'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore.


## GLOBAL PEACE INDEX

| UMWAKA | UMWANYA W'U RWANDA | AMANOTA |
|---|---|---|
| 2024 | 92 /163 | 2,12/1 |
| 2023 | 88 /163 | 2,051/1 |
| 2022 | 72 /163 | 1,945/1 |
| 2021 | 83 /163 | 2,028/1 |
| 2020 | 81 /163 | 2,049/1 |
| 2019 | 79 /163 | 2,014/1 |
| 2018 | 103 /163 | 2,14/1 |

Icyegeranyo Global Peace Index, gikorwa na Institute for Economics and Peace (IEP), gipima uburyo amahoro n'umudendezo bihagaze mu bihugu 163 ku Isi, aho igipimo cya rimwe (1) aricyo cyo hejuru kurusha ibindi mu gihe igipimo cya gatanu (5) aricyo kiri hasi. Bityo, uko igihugu kigenda kigana ku gipimo cya rimwe (1) ni ko gifatwa nk'ikirangwamo amahoro n'umudendezo kurusha ibindi.

Aho byavuye: Global Peace Index

## CORRUPTION PERCEPTION INDEX




Aho byavuye: Corruption Perception Index

Icyegeranyo Corruption Perception Index, gikorwa n'Umuryango Transparency International, kigaragaza uko abaturage babona ikibazo cya ruswa mu nzego za Leta mu bihugu 180 ku Isi.

## AFRICA VISA OPENNESS INDEX

| UMWAKA | UMWANYA W'U RWANDA | AMANOTA |
|---|---|---|
| 2023 | 1 /53 | 1,000/1 |
| 2022 | 5 /53 | 0,868/1 |
| 2021 | 6 /53 | 0,868/1 |
| 2020 | 6 /54 | 0,868/1 |
| 2019 | 4 /54 | 0,864/1 |
| 2018 | 3 /54 | 0.857/1 |

Aho byavuye: Africa Visa Openness Index


Icyegeranyo Africa Visa Openness Index, gikorwa na Banki Nyafurika y'Iterambere, kikagaragaza uko ibihugu bya Afurika byorohereza abaturage b'ibindi bihugu bya Afurika kubyinjiramo.

## RULE OF LAW INDEX

| UMWAKA | UMWANYA KU RWEGO RW'ISI | UMWANYA MURI AFURIKA YO MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA | AMANOTA |
|---|---|---|---|
| 2022 | 41 /104 | 1 | 0,63/1 |
| 2022 | 42 /104 | 1 | 0,63/1 |
| 2021 | 42 /104 | 1 | 0,62/1 |
| 2020 | 37 /128 | 2 | 0,62/1 |
| 2019 | 40 /126 | 3 | 0,61/1 |

Aho byavuye: Rule of Law Index

Icyegeranyo Rule of Law Index, gikorwa na World Justice Project, gipima iyubahirizwa ry'amategeko mu bihugu bitandukanye. Mu bipimo bisuzumwa harimo uko Leta ikoresha ububasha bwayo, kurwanya ruswa, gukorera mu mucyo, uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, umutekano n'ituze, ubutabera mbonezamubano n'ubutabera mpanabyaha.




## 1.1.7. GUTANGA UBURENGANZIRA BW'IBANZE NO GUKURIKIRANA UBUSHAKASHATSI BUKORWA KU MIYOBORERE NO KU BURYO BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO MU RWANDA

RGB yakiriye ubusabe bw'abantu bane (4) bifuzaga gukora ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo. Nyuma yo gukora isuzuma, ubusabe bwabo bwose bwaremejwe bahabwa impushya.

## 1.1.8. IBIKWIRIYE KWITABWAHO BYAGARAGAJWE N'UBUSHAKASHATSI

CRC 2024 yagaragaje ibikwiriye kwitabwaho by'umwihariko mu byiciro bitatu: Serivisi z'ubuhinzi, iz'ubutaka n'imiturire ndetse n'iz'ibikorwa remezo.

| Ingengo y'imari ya RGB ya 2023/2024 | Inzego bireba |
|---|---|
| **Serivisi z'Ubuhinzi** | |
| Gukaza ingamba zijyanye no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere | MINAGRI, MINEMA, MoE, REMA, RAB |
| Kongera ubushobozi bwo gukumira no kurwanya indwara z'ibihingwa | MINAGRI, RAB |
| Kongera inganda zitunganya umusaruro w'ibikomoka k'ubuhinzi no kunoza imikorere yazo | MINICOM, MINAGRI, PSF |
| **Serivisi z'ubutaka** | |
| Gukomeza kumenyekanisha igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka | MININFRA, RHA, NLA, Uturere |
| Gukomeza kunoza ingamba zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka n'ihererekanya ryabwo | NLA, Uturere |
| Gukomeza kugeza ibikorwa remezo by'ibanze ahagenewe guturwa. | MININFRA, RHA, Uturere |
| **Serivisi z'ibikorwaremezo** | |
| Gukaza ingamba zo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere | MININFRA, REMA |
| Kwihutisha ingamba zo kwegereza abaturage amazi n'amashanyarazi ndetse no kunoza serivisi zo gusana imiyoboro | MININFRA, WASAC GROUP |
| Gushyiraho uburyo buhoraho bwo kubungabunga imihanda n'amateme no kubishyira aho bitari. | MININFRA, RTDA, UTURERE |

## IBYAGARAGAJWE NA RGS YA 11

| Ibwikwiye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| Gukomeza kunoza ingamba zo kwihutisha imanza | Urukiko rw'Ikirenga |
| Kuzamura uruhare rw'itangazamakuru n'urw'imiryango itari iya leta mu kurwanya ruswa | RCSP, RGB, Amashyirahamwe y'Abanyamakuru |
| Kunoza ingamba zo kwita ku musaruro no kuwubonera isoko | MINAGRI, MINICOM |
| Kongerera ubumenyi mu ikoranabuhanga abarimu bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye | MINEDUC, MINICT |

## IBYAGARAGAJWE N'UBUSHAKASHATSI KURI GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO (ECD YA 3)

| Ibwikwiye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| Gukora isesengura ryimbitse ry'aho ingo mbonezamikurire y'abana bato zibarizwa, imiterere n'imikorere yazo | MIGEPROF,NCDA, NISR, Uturere |
| Kunoza imikoranire n'ihuzabikorwa hagati y'inzego z'uturere n'izo ku rwego rw'igihugu zishinzwe gahunda mbonezamikurire y'abana bato | MIGEPROF,MINALOC, NCDA, Uturere |
| Kongerera ingo mbonezamikurire y'abana bato ibikorwaremezo n'ibikoresho hibandwa cyane cyane ku zikorera mu ngo z'abaturage | MIGEPROF,NCDA, Uturere |
| Gukoresha imfashanyigisho zihuriweho mu ngo mbonezamikurire zose no gukoresha integanyanyigisho ya REB | MIGEPROF, NCDA, REB, Uturere |
| Kuzamura uruhare rw'ababyeyi mu bikorwa by'ingo mbonezamikurire y'abana bato | NCDA, Uturere |

# 2.2. IMITANGIRE YA SERIVISI, KWIMAKAZA IMIYOBORERE MYIZA N'IHURIRO RY'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE (JADF)

Muri iki cyiciro hari hateganyijwe kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego za leta, iz'abikorera n'iz'imiryango itari iya leta; gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'Uwikorera"; gukora ibiganiro n'inzego za leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya leta bijyanye no kunoza imitangire ya serivisi; gukurikirana uko inzego zishyira mu bikorwa ibipimo by'imitangire ya serivisi; kumenyekanisha ibipimo by'imitangire ya serivisi; gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo by'imitangire ya serivisi; gukora isesengura ryimbitse ku miyoborere n'imitangire ya serivisi mu rwego rwihariye.

Hari hateganyijwe kandi gutegura ibikorwa by'amarushanwa y' umurenge kagame cup (UKC) no gutanga ibihembo; gukora ubukangurambaga ku miyoborere, imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda "imiyoborere twifuza "; guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (Pr-Pl); kugirana ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'amashuri makuru hagamijwe kwimakaza amahame y'imiyoborere ndetse no gutegura inama ziteganywa n'amabwiriza y'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF).

## 2.2.1. KUGENZURA IMITANGIRE YA SERIVISI MU BIGO 45 MU NZEGO ZA LETA, IZ'ABIKORERA N'IZ'IMIRYANGO ITARI IYA LETA

Mu mwaka wa 2023-2024, RGB yakoze isuzuma ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka. Iri suzuma ryakozwe mu turere cumi na dutatu (13) turimo dutatu (3) tw'umujyi wa Kigali, dutandatu (6) dufite imijyi yunganira Kigali na tune (4) aho abaturage bashima serivisi z'ubutaka ku gipimo cyo hasi nk'uko byagaragajwe muri CRC ya 2023. Hasuzumwe serivisi zijyanye no kwandikisha ubutaka, gutanga ibyangombwa byo kubaka no guhererekanya uburenganzira ku butaka. Iri suzuma ryakorewe mu nzego 92 zirimo Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubutaka, Umujyi wa Kigali, uturere, imirenge n'utugari hanabazwa abaturage 2.228 basabye izi serivisi.

Mu gukora isuzuma hagendewe ku bipimofatizo by'imitangire ya serivisi birindwi (7) bikurikira: gutanga serivisi ku gihe, kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi, korohereza abasaba serivisi kuzigeraho, uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana, kwita ku bakugana, ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi n'ibikoresho n'ibikorwaremezo.

Ibyavuye mu igenzura bigaragaza ko serivisi zijyanye no kwandikisha ubutaka zishimwa ku gipimo 75,39%, izo gutanga ibyangombwa byo kubaka zishimwa ku gipimo cya 76,72% naho izo guhererekanya uburenganzira ku butaka zishimwa ku gipimo cya 75,76%.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza incamake y'ibyavuye mu isuzuma rya serivisi z'ubutaka:

## Imbonerahamwe ya 6: Incamake y'ibyavuye mu isuzuma rya serivisi z'ubutaka

| IBIPIMO FATIZO BY'IMITANGIRE YA SERIVISI | SERIVISI | | |
|---|---|---|---|
| | GUHEREREKANYA UBURANGANZIRA KU BUTAKA | KWANDIKISHA UBUTAKA | IBYANGOMBWA BYO KUBAKA |
| Gutanga serivisi ku gihe | 75,35 | 72,04 | 77,14 |
| Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi | 62,52 | 61,61 | 63,63 |
| Korohereza abasaba serivisi kuzigeraho | 79,69 | 78,33 | 80,28 |
| Uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana | 72,02 | 71,53 | 70,30 |
| Kwita ku bakugana | 76,24 | 79,28 | 72,10 |
| Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi | 91,52 | 91,70 | 89,97 |
| Ibikoresho n'ibikorwaremezo | 72,99 | 73,22 | 83,63 |
| **Igiteranyo** | **75,76** | **75,39** | **76,72** |

Aho byavuye: Governance And Service Delivery Assessment In Land Services, 2024

## Ibisobanuro by'amabara

| AMANOTA (%) | AMABARA |
|---|---|
| **80-100%** | ICYATSI KIBISI |
| **60-79,9%** | UMUHONDO |
| **40-59,9%** | UMUHEMBA |
| **0-39,9%** | UMUTUKU |

## 1.2.2. GUKORA UBUKANGURAMBAGA KU MITANGIRE YA SERIVISI BINYUZE MURI GAHUNDA YA "NK'UWIKORERA"

Mu rwego rwo kubongerera ubumenyi ku mahame y'imitangire ya serivisi no kubakangurira kuyashyira mu bikorwa kugira ngo serivisi zirusheho kunoga no kunyura abo zigenewe, RGB yatanze ibiganiro ku mitangire ya serivisi ku bayobozi n'abakozi banyuranye mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera". Ibiganiro byitabiriwe n'abaturutse mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 7: Ibiganiro ku mitangire ya serivisi**

| AHO IBIGANIRO BYABEREYE | IBYICIRO N'UMUBARE W'ABITABIRIYE IBIGANIRO |
|---|---|
| Umujyi wa Kigali | Abakora mu nzego za Leta n'iz'abikorera, imiryango itari iya Leta, mu turere n'umujyi wa Kigali. Abitabiriye bose ni 1.024 |
| Mu turere twa:<br>► Kayonza<br>► Musanze<br>► Karongi<br>► Nyanza<br>► Burera<br>► Rusizi | ► Abakozi ba WASAC na MINUBUMWE<br>► Abayobozi b'uturere<br>► Abajyanama mu nama njyanama y'akarere<br>► Abayobozi b'ibitaro by'uturere<br>► Abakozi b'akarere<br>► Abayobozi b'amadini/amatorero afite ibigo by'ubuvuzi<br>► Abahagarariye urugaga rw'abikorera mu turere (PSF)<br>► Ba perezida b'inama njyanama z'imirenge<br>► Abayobozi b'Amahuriro y'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF),<br>► Abayobozi b'amashami ku karere<br>► Abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge<br>► Abakozi bashinzwe imari n'ubutegetsi mu mirenge<br>► Abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugali<br>► Abahagarariye ihuriro ry'imiryango ishingiye ku myemerere (RIC)<br>► Abayobozi b'ibigo nderabuzima<br>► Abayobozi b'imirenge SACCO<br><br>Abitabiriye bose ni 2.809 |

## 1.2.3. IBIGANIRO N'INZEGO ZA LETA, IZ'ABIKORERA N'IMIRYANGO ITARI IYA LETA BIJYANYE NO KUNOZA IMITANGIRE YA SERIVISI

Ibi biganiro byabereye mu turere twa Kicukiro, Kayonza, Musanze, Karongi na Nyanza. Byitabiriwe n'abayobozi b'uturere, abayobozi b'ibitaro by'uturere, Abayobozi b'amadini/amatorero afite ibigo by'ubuvuzi, abahagarariye urugaga rw'abikorera mu turere (PSF), abayobozi b'amashami ku karere, abashinzwe imiyoborere myiza mu turere, abayobozi b'amahuriro y'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF), abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge, abahagarariye ihuriro ry'imiryango ishingiye ku myemerere (RIC), abayobozi b'ibigo nderabuzima, n'abayobozi b'imirenge SACCO.

Abitabiriye ibiganiro bagaragarijwe ibyavuye mu isuzuma ryakozwe na RGB ku mitangire ya serivisi mu rwego rw'ubuzima. Ibi babishingiyeho bafata ingamba zo kunoza iyubahirizwa ry'amabwiriza y'imitangire ya serivisi, kwakira neza no kwita ku babagana ndetse no kwihutisha serivisi.

## 1.2.4. KUMENYEKANISHA NO GUKURIKIRANA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IBIPIMO FATIZO BY'IMITANGIRE YA SERIVISI (QUALITY SERVICE DELIVERY STANDARDS)

Ku bufatanye bwa RGB n'izindi nzego zirimo MIFOTRA, MINALOC, RDB, RSB na NPSC, hashyizweho ibipimo fatizo birindwi (7) bifasha buri rwego rutanga serivisi gushyiraho ibipimo byihariye bijyanye na serivisi rutanga ndetse no guhora rwisuzuma hagamijwe kunoza imitangire ya serivisi. Ibyo bipimo birindwi byashyizweho binifashishwa mu igenzura ry'imitangire ya serivisi ni ibi bikurikira: Gutanga serivisi ku gihe, Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi, Korohereza abasaba serivisi kuzigeraho, Uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana, Kwita ku bakugana, Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi n'Ibikoresho n'ibikorwaremezo.

Hasuwe inzego za Leta zirindwi (7) hasuzumwa ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye muri raporo ku bipimo fatizo by'imitangire ya serivisi  izo nzego zatanze. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibyavuye mu igenzura:

**Imbonerahamwe ya 8: Uko inzego za Leta zasuwe zashyize mu bikorwa ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi**

| IBIPIMO FATIZO BY'IMITANGIRE YA SERIVISI | INZEGO ZASUWE | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | CoK | NAEB | MOE | MINALOC | MINECOFIN | MoH | RMB |
| Gutanga serivisi ku gihe | 40% | 60% | 60% | 40% | 60% | 80% | 40% |
| Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi | 50% | 75% | 25% | 50% | 25% | 100% | 50% |
| Korohereza abasaba serivisi kuzigeraho | 80% | 100% | 80% | 100% | 100% | 100% | 80% |
| Uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana | 100% | 100% | 100% | 100% | 25% | 100% | 100% |
| Kwita ku bakugana | 100% | 100% | 100% | 100% | 50% | 100% | 50% |
| Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi | 80% | 100% | 100% | 80% | 80% | 80% | 40% |
| Ibikoresho n'ibikorwaremezo | 66,7% | 83,3% | 83,3% | 100% | 100% | 100% | 50% |
| **Impuzandengo** | **71%** | **86,5%** | **73,5%** | **79%** | **60,8%** | **95%** | **59,5%** |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya munani (8), igenzura ryagaragaje ko Minisiteri y'ubuzima (MoH) yashyize mu bikorwa ibipimo fatizo by' imitangire ya serivisi ku kigero cyo hejuru cya 95%, mu gihe Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi (RMB) cyabishyize mu bikorwa ku kigero cyo hasi  cya 59,5%.

Nyuma yo gusesengura amakuru yatanzwe mu gihe cy'ikurikirana ry'ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi, byagaragaye ko hakiri icyuho mu gushyira mu bikorwa ibi bipimo.

RGB yandikiye inzego 15 za Leta izishyikiriza ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi  inazisaba gutanga raporo y'ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

### Imbonerahamwe ya 9: Inzego zasuzumwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo fatizo ku mitangire ya serivisi

| Nº | Inzego za Leta zandikiwe zisabwa gutanga raporo | Inzego za Leta zatanze raporo (Yego/Oya) |
|---|---|---|
| 1 | REG | Yego |
| 2 | WASAC | Yego |
| 3 | Rwanda FDA | Yego |
| 4 | OAG | Yego |
| 5 | CHUK | Yego |
| 6 | NESA | Yego |
| 7 | NIDA | Yego |
| 8 | RTB | Yego |
| 9 | RSSB | Yego |
| 10 | MINAGRI | Oya |
| 11 | RRA | Oya |
| 12 | LODA | Oya |
| 13 | NLA | Oya |
| 14 | MINEDUC | Oya |
| 15 | RPPA | Oya |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri hejuru, inzego icyenda (9) ni zo zatanze raporo nk'uko byari byasabwe naho esheshatu (6) zisigaye nta raporo zatanze.

## 1.2.5. GUKORA ISESENGURA RYIMBITSE KU MIYOBORERE N'IMITANGIRE YA SERIVISI MU RWEGO RWIHARIYE

Ku bufatanye n'umuryango Imbuto Foundation, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rwakoze isuzuma ku mikorere ya JADF. Iri suzuma ryakorewe mu turere 15 hibandwa ku byakozwe mu gihe cy'imyaka itanu (2018-2023). Uturere dutatu twatoranijwe muri buri ntara naho mu Mujyi wa Kigali, hasuzumwe imikorere ya JADF mu turere twose uko ari dutatu. Uturere twakorewemo isuzuma ni: Burera, Musanze, Rulindo, Huye, Nyamagabe, Nyanza, Kayonza, Rwamagana, Bugesera, Nyabihu, Nyamasheke, Rusizi, Gasabo, Kicukiro na Nyarugenge.

Isuzuma ryerekanye ko 76% by'abanyamuryango ba JADF babajijwe bayimazemo nibura imyaka itanu (5). Ibi birerekana ko benshi mu babajijwe bafite ubumenyi buhagije ku mikorere ya JADF. Ikindi cyagaragaye ni uko 62,3% by'abanyamuryango ba JADF bafite ibikorwa mu nkingi y'imibereho myiza, mu gihe 28,3% bafite ibikorwa mu nkingi y'ubukungu naho 9,4% bakagira ibikorwa mu nkingi y'imiyoborere.

### IMIKORERE Y'INZENGO ZA JADF

Ku birebana n'imikorere y'inzego za JADF hasuzumwe inteko rusange na komite nyobozi.

### IMIKORERE Y'INTEKO RUSANGE

Amabwiriza ya Minisitiri w'intebe ashyiraho ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ateganya ko inama y'Inteko rusange ya JADF iterana kabiri (2) mu mwaka bihwanye n'inama 10 mu myaka itanu. Isuzuma ryerekanye ko uturere dutanu (33,3%) gusa kuri 15 ari two twakoze inama 10 ziteganyijwe. Ikindi n'uko uturere tune (27%) muri 15 twasuzumwe tutaremeza amategeko ngengamikorere yiyahiriye ya JADF asobanura imikorere yayo n'iya za komisiyo ziyigize.

Inteko rusange za JADF z'uturere umunani (53,3%) kuri 15 twasuzumwe zemeje buri mwaka gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya JADF, mu gihe uturere tune (26,7%) tutari dufite gahunda ngarukamwaka y'ibikorwa bya JADF. Ku bijyanye no gutanga raporo ziteganywa n'amabwiriza, uturere tubiri (13,3%) kuri cumi na dutanu ni two twatanze raporo zose ziteganyijwe mu gihe cy'imyaka itanu.

### IMIKORERE YA KOMITE NYOBOZI

Amabwiriza ya Minisitiri w'intebe ashyiraho ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ateganya ko inama ya Komite nyobozi ya JADF iterana buri gihembwe bihwanye n'inama 20 mu myaka itanu. Isuzuma ryerekanye ko uturere dutanu gusa (33,3%) kuri 15 aritwo twakoze inama 20 mu myaka itanu. Ku bijyanye no gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa, uturere tubiri (13,3%) nitwo twakoze iki gikorwa buri mwaka mu gihe cy'imyaka itanu.

Amabwiriza ya Minisitiri w'intebe ateganya kandi ko buri Karere gategura imurikabikorwa nibura rimwe mu mwaka. Isuzuma ryerekanye ko uturere turindwi kuri 15 bingana na 46,6% ari two twashoboye kumurikira abaturage ibikorwa buri mwaka.

## UKO ABAFATANYABIKORWA BA JADF BISHIMIRA IMIKORERE YA JADF

Abenshi mu bafatanyabikorwa ba JADF babajijwe banyuzwe n'imikorere y'Inteko rusange ya JADF ku kigero cya 82,7% na Komite Nyobozi ku kigero cya 76,5%. Ku rundi ruhande ariko, 10,1% by'ababajijwe bagaragaje ko batazi imikorere y'Inteko Rusange, mu gihe 14,2% bagaragaje ko batazi imikorere ya Komite Nyobozi. Ku bijyanye n'imikorere ya komisiyo za JADF, 33,3% by'abafatanyabikorwa babajijwe bemeje ko batazi imikorere ya komisiyo za JADF.

## URUHARE RW'ABAFATANYABIKORWA BA JADF MU GUTEGURA NO GUSHYIRA MU BIKORWA IMIHIGO Y'AKARERE

N'ubwo benshi (81%) mu bafatanyabikorwa ba JADF bemeza ko bagize uruhare mu gutegura imihigo y'akarere, 19% bemeza ko badatumirwa mu itegurwa ry'imihigo, bigatuma uruhare rwabo ruba rutoya. Isuzuma kandi ryagaragaje ko 59,6% batagishwa inama ku itegurwa ry'ingengo y'imari y'imihigo y'akarere.

## URUHARE RWA JADF MU GUSHYIRA MU BIKORWA NO GUKURIKIRANA IMIHIGO NA GAHUNDA Y'ITERAMBERE RY'AKARERE (DDS)

Isuzuma ryagaragaje ko 83,3% by'abafatanyabikorwa ba JADF banyuzwe n'uruhare rwabo mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'akarere, 64,3% banyuzwe n'uruhare rwabo mu gukurikirana imihigo y'akarere naho 53,8% banyuzwe n'uruhare rwabo mu ikurikirana n'isuzuma rya gahunda y'iterambere ry'akarere (DDS).

## URUHARE RW'ABAFATANYABIKORWA MU MIKORERE N'ITERAMBERE BY'AKARERE

Mu bafatanyabikorwa ba JADF babajijwe, 91,9% bagaragaje ko banyuzwe n'uruhare rwabo mu mikorere n'itarambere by'akarere. Ibi byashimangiwe n'abayobozi ba JADF bemeje ko bagira uruhare mu igenamigambi, ishyirwa mu bikorwa, gukurikirana no gusuzuma imihigo y'akarere.

## 1.2.6. AMARUSHANWA Y' UMURENGE KAGAME CUP (UKC)

Mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere myiza, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufatanyije na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisiteri ya Siporo, intara n'Umujyi wa Kigali, uturere n'imirenge buri mwaka bategura amarushanwa y'imiyoborere myiza yitwa "Umurenge Kagame Cup". Amarushanwa yo muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024 yitabiriwe n'amakipe y'abagabo n'abagore mu mikino ikurikira: umupira w'amaguru, sit-ball, volleyball, basketball, gusiganwa ku magare, gusiganwa ku maguru, gusimbuka urukiramende no kubuguza.




**Umuhango wo gutanga ibihembo ku bahize abandi mu marushanwa y'Umurenge Kagame Cup 2024, Rubavu 5/5/2024**

Amarushanwa y'Umurenge Kagame Cup agamije guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza binyuze mu mikino, kuzamura imibereho myiza y'abaturage, guteza imbere impano z'abaturage hibandwa ku rubyiruko, gukangurira abaturage kwitabira gahunda zibateza imbere, guteza imbere ubufatanye no kwigiranaho mu nzego z'ibanze. Muri uyu mwaka, aya marushanwa yari afite insanganyamatsiko igira iti: "Imyaka 30 y'imiyoborere ishyira umuturage ku isonga". Ubutumwa bwatanzwe muri aya marushanwa bwibanze ku gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa, kunoza imitangire ya serivisi, gukangurira urubyiruko guteza imbere impano zabo no

kwirinda ingeso mbi zirimo ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, ubusinzi n'andi makosa ababuza kwiteza imbere.

Umwihariko waranze amarushanwa y'uyu mwaka, ni ubwitabire bw'umubyeyi Mukamutana Rosette w'imyaka 67 wakinnye ari kapiteni w'ikipe ya basketball y'abagore y'Umurenge wa Masoro mu karere ka Rulindo ayifasha kwegukana umwanya wa kane (4). Ikipe ye yahawe igihembo cy'amafaranga y' u Rwanda 300.000 naho we ku giti cye ahabwa umudari w'ishimwe n'amafaranga 100.000.





Abahize abandi muri aya marushanwa bahawe ibihembo birimo amafaranga, imidari, ibikombe, amagare n'imipira yo gukina. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza amakipe n'abantu ku giti cyabo begukanye imyanya ya mbere mu mikino itandukanye.

**Imbonerahamwe ya 10: Amakipe n'abantu bahize abandi mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup 2024"**




| Icyiciro cy'abapiganwe mu makipe | | |
|---|---|---|
| **Umukino** | **Umurenge wegukanye umwanya wa mbere** | **Akarere** |
| Football/Abagabo | Rubengera | Karongi |
| Football /Abagore | Murunda | Rutsiro |
| Volleyball / Abagabo | Kibungo | Ngoma |
| Volleyball / Abagore | Remera | Ngoma |
| Sit-ball / Abagabo | Musaza | Kirehe |
| Sit-ball / Abagore | Nyamata | Bugesera |
| Basketball / Abagabo | Rugarika | Kamonyi |
| Basketball / Abagore | Gacurabwenge | Kamonyi |










| Icyiciro cy'abapiganwe umuntu ku giti cye | | | |
|---|---|---|---|
| **Umukino** | **Uwegukanye umwanya wa mbere** | **Umurenge** | **Akarere** |
| **Gusiganwa ku maguru** | | | |
| Abagabo- 15km | NTEZIMANA | Cyuve | Musanze |
| Abagore- 10km | BYUKUSENGE Devothe | Kinyinya | Gasabo |
| Abagabo - 1.500m | NKEJUMUTO Ildephonse | Kinyinya | Gasabo |
| Abagore - 1.500m | BYUKUSENGE Devothe | Kinyinya | Gasabo |
| Abagabo – 400m | ISHIMWE Noe | Kagano | Nyamasheke |
| Abagore – 400m | MUKANDAYISENGA Venantia | Busanze | Nyaruguru |
| Abagabo – 100m | NIYONKURU YOUNG | Kagano | Nyamasheke |
| Abagore - 100m | UWAYEHOVA Ruth | Rambura | Nyabihu |
| **Gusiganwa ku magare** | | | |
| Abagabo -35km | MUFITEYESU EMMANUEL | Kageyo | Gicumbi |
| Abagore - 30km | NZAMUKOSHA IMMACULEE | Cyuve | Musanze |
| **Gusimbuka urukiramende** | | | |
| Abagabo | HABIMANA Elie | Kagano | Nyamasheke |
| Abagore | UWAMARIYA Solange | Kagano | Nyamasheke |
| **Kubuguza** | | | |
| Abagabo | SHUKURU Hassan | Bugarama | Rusizi |
| Abagore | MUKUNDIRIHE Diane | Munini | Nyaruguru |

## 1.2.7. UBUKANGURAMBAGA KU MIYOBORERE, IMITANGIRE YA SERIVISI NO KUZAMURA URUHARE RW'ABATURAGE BINYUZE MURI GAHUNDA IMIYOBORERE TWIFUZA

Muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza hakozwe ibiganiro bigamije gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no mu gukemura ibibazo bibangamiye iterambere ryabo ndetse no kubibutsa ko nabo bafite uburengenzira n'uruhare kuri serivisi inoze. Ibi biganiro kandi byari bigamije gukangurira abayobozi guha umuturage umwanya ukwiye mu igenamigambi no mu ishyirwa mu bikorwa n'ikurikiranabikorwa rya gahunda zimugenewe. Ibi biganiro byanyujijwe mu nteko z'abaturage mu Mirenge ya Mukarange mu Karere ka Kayonza, Muhazi mu Karere ka Rwamagana, Jabana mu Karere ka Gasabo, Rugerero mu Karere ka Rubavu na Cyuve mu Karere ka Musanze.

## 1.2.8. GUHUZA IBIKORWA BYA GAHUNDA YO KWIGENZURA NO KWIGIRANAHO (PR-PL)

Gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho, igamije kunoza imitangire ya serivisi n'imicungire y'umutungo mu bigo bya Leta bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Non-budget agencies), birimo imirenge, utugari, ibigo nderabuzima, amashuri abanza n'ay'isumbuye. Iyi gahunda ikorerwa ku rwego rw'umurenge, ikibanda ku nkingi enye arizo: aho gukorera haboneye, imitangire ya serivisi, imicungire y'imari n'umutungo bya leta n'imicungire ya gahunda za leta zigamije guhindura imibereho y'abaturage.

Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda rigirwamo uruhare n'inzego zitandukanye. RGB ishinzwe gufasha mu kubaka ubushobozi bw'inzego zirebwa n'iyi gahunda, gushyiraho imirongo ngenderwaho mu bikwiye kwibandwaho mu gukora igenzura no gukurikirana ku rwego rw'igihugu ibikorwa no gukora isuzuma ry'iyi gahunda. RGB ishinzwe kandi kwakira no guhuza raporo zivuye ku ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse no gutanga inama ku bikwiye kunozwa.

Ku bijyanye n'inshingano yo gukurikirana ibikorwa, gukora isuzuma ry'iyi gahunda no guhuza raporo zivuye ku ntara n'Umujyi wa Kigali, RGB yakiriye raporo z'ibikorwa byo kwigenzura no kwigiranaho byateguwe n'intara n'Umujyi wa Kigali. Abakozi ba RGB basuye Intara y'Amajyepfo n'Umujyi wa Kigali bakorana mu gusesengura raporo zavuye mu turere. Nyuma yo kwakira raporo z'intara n'Umujyi wa Kigali, RGB yarazisesenguye ivanamo raporo y'umwaka igaragaza ibyakozwe muri iyi gahunda, inatanga inama z'ibikeneye kunozwa.

## INCAMAKE Y'IBYAVUYE MURI RAPORO Z'INTARA N'UMUJYI WA KIGALI

Mu mwaka wa 2023-2024 intara zose n'Umujyi wa Kigali zashyize mu bikorwa gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho mu nkingi eshatu ari zo: aho gukorera haboneye, imitangire ya serivisi ndetse n'imicungire y'imari n'umutungo bya leta.

## AHO GUKORERA HABONEYE

Muri iyi nkingi hasuzumwa isuku, umutekano w'ahakorerwa, ibimenyetso ndangahantu, aho abasaba serivisi bategerereza, kugira amashanyarazi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga, ubwishingizi bw'inyubako, inzira z'abafite ubumuga, ibigega bifata amazi ava ku nzu, imiterere y'ibiro byo gukoreramo, kizimyamoto n'abarinda umutekano, gusana no gufata neza inyubako za Leta.

## IMITANGIRE YA SERIVISI MURI GAHUNDA YO KWIGENZURA NO KWIGIRANAHO

Muri iyi nkingi hasuzumwa uburyo abagana urwego bakirwa, amahame n'amabwiriza agenga itangwa rya serivisi, igihe bitwara ngo usaba serivisi ayibone, imihigo y'ikigo,  n'uburyo bufasha abaturage kugaragaza uko babona imitangire ya serivsi.

## IMICUNGIRE Y'IMARI N'UMUTUNGO BYA LETA

Muri iyi nkingi hasuzumwa uburyo igenamigambi n'ingengo y'imari bitegurwa, uburyo urwego rwishakira umutungo bwite n'uturuka ahandi, ibikorwa bigendaho ingengo y'imari, ibitabo na raporo by'ibaruramari, imicungire y'ibikoresho, imicungire y'abakozi, imincungire y'imitungo yimukanwa n'itimukanwa, imikorere y'akanama gatanga amasoko n'imitangire y'amasoko.

## INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU IGENZURA MU NTARA ZOSE N'UMUJYI WA KIGALI

Mu Ntara zose no mu Mujyi wa Kigali ubugenzuzi bwakorewe mu  bigo (NBAs) 2.600   birimo ibigo nderabuzima 300, imirenge 280, amashuri 2.000 n'ibitaro 20. Ibyavuye muri iri genzura bigaragara mu mbonerahamwe zikurikira.

## Imbonerahamwe ya 11: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'aho gukorera haboneye

| Icyagenzuwe | Aho biri | Ijanisha | Aho bitari | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|
| Imbago | 2.100 | 80,8% | 500 | 19,2% |
| Uruzitiro | 2.050 | 78,8% | 550 | 21,2% |
| Inzira z'abafite ubumuga | 1.800 | 69,2% | 800 | 30,8% |
| Ibimenyetso ndangahantu | 2.250 | 86,5% | 350 | 13,5% |
| Ibiro by'abakozi biboneye | 1.800 | 69,2% | 800 | 30,8% |
| Inyubako zimeze neza | 1.720 | 66,2% | 880 | 33,8% |
| Kizimyamoto | 1.300 | 50% | 1.300 | 50% |
| Ubwishingizi bw'inyubako (Inkongi y'umuriro) | 780 | 30% | 1.820 | 70% |
| Imirindankuba | 1.260 | 48,5% | 1.340 | 51,5% |
| Ibibuga by'imikino ku mashuri | 1.880 | 72,3% | 720 | 27,7% |

Aho byavuye: Raporo z'Intara n'Umujyi wa Kigali kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2023-2024

## Imbonerahamwe ya 12: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'imitangire ya serivisi

| Icyasuzumwe | Aho biri | Ijanisha | Aho bitari | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|
| Aho kwakirira abasaba serivisi haboneye | 1.995 | 76,7% | 605 | 23,3% |
| Inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 1.750 | 67,3% | 850 | 32,7% |
| Gutanga amakuru kuri serivisi zasabwe (feedback) | 1.800 | 69,2% | 800 | 31,8% |
| Ishyinguranyandiko | 2.400 | 92,3% | 200 | 7,7% |
| Imihigo y'ibigo | 1.790 | 68,8% | 810 | 32,2% |

Aho byavuye: Raporo z'Intara n'Umujyi wa Kigali kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2023-2024

## Imbonerahamwe ya 13: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'imicungire y'umutungo

| Icyagenzuwe | Aho biri | Ijanisha | Aho bitari | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|
| Gahunda y'ibikorwa | 2.200 | 84,6% | 400 | 15,4% |
| Gukora raporo y'imari hakoreshejwe ikoranabuhanga (software) ryabugenewe | 1.870 | 71,9% | 730 | 28,1% |
| Ibitabo byandikwamo imitungo (Property registers) | 2.300 | 88,5% | 300 | 11,5% |
| Kuzuza ibitabo bigaragaza ibiri mu bubiko (stock) | 2.150 | 82,7% | 450 | 17,3% |
| Gukoresha inyandiko zisohora amafaranga | 1.230 | 47,3% | 1370 | 52,7% |
| Gukoresha inyandiko zisaba ibikoresho (Requisition form) | 2.070 | 79,6% | 530 | 20,4% |
| Gutegura gahunda y'amasoko | 2.150 | 82,7% | 450 | 17,3% |
| Kubahiriza gahunda y'amasoko | 1.850 | 71,2% | 750 | 28,8% |
| Akanama gatanga amasoko | 2.190 | 84,2% | 410 | 15,8% |
| Gukata imisoro ya RRA: 13%,15%,18% | 1.690 | 65% | 910 | 35% |

Aho byavuye: Raporo z'Intara n'Umujyi wa Kigali kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2023-2024

Ibibazo byagaragajwe n'igenzura bikeneye kwitabwaho harimo inyubako zidafite ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro (70%), inyubako zidafite kizimyamoto (50%), inyubako zidafite imirindankuba (51,5%), kudakoresha inyandiko zisohora amafaranga (52,7%), ibigo bikorera mu nyubako zishaje (33,8%), kutagira inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi (32,7%) n'ibigo bidafite imihigo (32,2%), kutubahiriza gahunda y'amasoko (28,8%) no kudakora raporo y'imari hakoreshejwe ikoranabuhanga (software) ryabugenewe (28,1%).

## 1.2.9. IBIGANIRO N'URUBYIRUKO RWIGA MU MASHURI YISUMBUYE, KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU

RGB, ku bufatanye n'umuryango nyarwanda utari uwa Leta "Girls Leaders Forum" yagiranye ibiganiro n'urubyiruko ruhagarariye abandi rwibumbiye muri "clubs" z'imiyoborere (Good Governance Clubs) mu mashuri yisumbuye, amashuri makuru na kaminuza mu rwego rwo kubashishikariza kugira uruhare mu kwimakaza imiyoborere myiza, imitangire ya serivisi inoze n'uruhare rwabo mu kwihutisha iterambere. Abitabiriye ibiganiro biyemeje gukangurira bagenzi babo kurushaho kugira uruhare mu miyoborere ibereye u Rwanda no mu iterambere rirambye.

## 1.2.10. GUTEGURA INAMA ZITEGANYWA N'AMABWIRIZA Y'IHURIRO RY'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE (JADF)

Ku bufatanye n'ubuyobozi bw'Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere, RGB yateguye inama ziteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe agenga imikorere ya JADF. Ni muri urwo rwego, hakozwe inama nyunguranabitekerezo eshanu (5) imwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali. Hanakozwe inama mpuzabikorwa enye (4) nk'uko byari biteganyijwe. Izi nama zari zigamije, gukurikirana, guhuriza hamwe ibikorwa, kujya inama ku cyarushaho guteza imbere uruhare rwa JADF mu iterambere rirambye no guhugura abakozi bashinzwe gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa mu turere.

Muri izi nama nyunguranabitekerezo, haganiriwe ku ruhare rw'abafatanyabikorwa mu guteza imbere igihugu no gushyigikira iterambere ry'Uturere bakoreramo. Hagaragajwe kandi ahagomba kongerwa imbaraga harimo: kongera imishinga itanga akazi cyane cyane ku rubyiruko, kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana, kurwanya amakimbirane mu miryango, kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi ziyobya urubyiruko.

Abitabiriye inama bagaragarijwe ibyavuye mu bugenzuzi bwakozwe na RGB ku mikorere y'imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere, bagirwa inama zo kunoza ibirebana no kubahiriza amategeko agenga imikorere yabo no kunoza imicungire y'imari n'abakozi.

Muri izi nama kandi haganiriwe ku mahame agenga Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere, biyemeza kunoza ubufatanye mu gutegurira hamwe gahunda z'iterambere, kuzishyira mu bikorwa no kuzigenzura, hagamijwe impinduka mu mibereho y'abaturage.

Izi nama kandi zabaye umwanya wo kongerera ubumenyi abakozi bashinzwe gukurikirana ibikorwa bya JADF ku Ntara/Umujyi wa Kigali no mu turere, bakaba barahuguwe ku bijyanye n'ingamba zo gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa no gusuzuma impinduka bizana mu mibereho y'abaturage, imikoranire iboneye n'abafatanyabikorwa. Abitabiriye izi nama banasobanuriwe imikoreshereze y'ikoranabuhanga rikoreshwa mu kwandika imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere "e-imiryango system".



Abitabiriye inama nyunguranabitekerezo y'abafatanyabikorwa mu Ntara y'Amajyaruguru



Abitabiriye inama nyunguranabitekerezo y'abafatanyabikorwa mu Ntara y'Uburengerazuba

## 1.2.11. IBIKWIYE KWITABWAHO BYAGARAGAJWE N'IGENZURA KU MITANGIRE YA SERIVISI N'IMIYOBORERE

| Ibwikwiye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| **Ibyagaragajwe n'igenzura rya serivisi z'ubutaka** | |
| Kunoza no gukurikirana imikorere ya komite z'ubutaka ku rwego rw'akagari n'umurenge | NLA, Akarere |
| Kongera ubushobozi bw'abashinzwe serivisi z'ubutaka mu nzego z'ibanze | NLA, Akarere |
| Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze | RGB, MIFOTRA, MINALOC |
| **Ibyagaragajwe n'igenzura ry'imikorere y''Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF)** | |
| Gukurikirana ishyirwa bu bikorwa rya gahunda y'iterambere ry'Akarere (DDS) | Komite ya JADF ku Karere, Akarere |
| Gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa no gusuzuma impinduka bigeza ku baturage | Komite ya JADF ku Karere, Akarere |
| Gukomeza ubukangurambaga ku banyamuryango ba JADF batitabira ihuriro uko bikwiye | Komite ya JADF ku Karere, Akarere |
| Gukora ubugenzuzi buhoraho bwa konti ya JADF y'akarere mu rwego rwo kwimakaza umuco wo gukorera mu mucyo mu micungire y'umutungo. | Intara, Akarere |

# 1.3. IMIRYANGO ITARI IYA LETA, ISHINGIYE KU MYEMERERE, FONDASIYO N'IMITWE YA POLITIKI

| | | | |
|---|---|---|---|
| UMURYANGO F.P.R-INKOTANYI | ISHYAKA RIHARANIRA UKWISHYIRA UKIZANA KWA BURI MUNTU (P.L) | ISHYAKA RIHARANIRA UBUMWE BW' ABANYARWANDA NA DEMOKARASI (U.D.P.R) | ISHYAKA NTANGARUGERO MURI DEMOKARASI (P.D.I) |
| ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N' IMIBEREHO MYIZA Y' ABATURAGE (P.S.D) | ISHYAKA RY' ITERAMBERE N' UBUSABANE (P.P.C) | ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA (P.D.C) | ISHYAKA RYA GISOSIALISITI RIRENGERA ABAKOZI MU RWANDA (P.S.R) |
| ISHYAKA RY' UBWISUNGANE BUGAMIJE ITERAMBERE (P.S.P) | PS – IMBERAKURI | ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI NO KURENGERA IBIDUKIKIJE MU RWANDA (DGPR) | |





Muri iki cyiciro, mu mwaka wa 2023-2024 hari hateganyijwe kwandika imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki yujuje ibisabwa; kumenyekanisha imikoreshereze y'ikoranabuhanga ryo kwandika no gukurikirana imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki (e-Imiryango); kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko ku miryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki. Hari hanateganyijwe ibiganiro n'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere bijyanye n'imiyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko; no kongerera ubushobozi imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki kugira ngo irusheho kugira uruhare mu kuzamura ubukungu n'imibereho myiza by'abaturage.

## 1.3.1. KWANDIKA IMIRYANGO ITARI IYA LETA, ISHINGIYE KU MYEMERERE, FONDASIYO N'IMITWE YA POLITIKI

Mu mwaka wa 2023-2024, RGB yakiriye inasesengura ubusabe bw'imiryango bujyanye no kwiyandikisha cyangwa guhuza n'amategeko nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe zikurikira:

### IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA

| ICYANGOMBWA CYASABWE | IMIRYANGO YASABYE ICYANGOMBWA | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO ITARUZUZA IBISABWA |
|---|---|---|---|
| ICYANGOMBWA CY'IYANDIKWA CY'AGATEGANYO | 247 | 109 | 138 |
| UBUZIMAGATOZI | 226 | 121 | 105 |

### IMIRYANGO MVAMAHANGA ITARI IYA LETA

| ICYANGOMBWA CYASABWE | IMIRYANGO YASABYE ICYANGOMBWA | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO ITARUZUZA IBISABWA |
|---|---|---|---|
| ICYANGOMBWA CY'IYANDIKWA | 25 | 21 | 4 |
| KONGERERWA IGIHE CYO GUKORA | 128 | 113 | 15 |

### IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE

| ICYANGOMBWA CYASABWE | IMIRYANGO YASABYE ICYANGOMBWA | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO ITARUZUZA IBISABWA |
|---|---|---|---|
| UBUZIMAGATOZI | 116 | 19 | 97 |
| ICYANGOMBWA CYO GUHUZA N'ITEGEKO | 31 | 3 | 28 |

### FONDASIYO

| ICYANGOMBWA CYASABWE | IMIRYANGO YASABYE ICYANGOMBWA | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO ITARUZUZA IBISABWA |
|---|---|---|---|
| ICYANGOMBWA CY'IYANDIKWA | 59 | 32 | 27 |

## 1.3.2. KUMENYEKANISHA IKORANABUHANGA "E-IMIRYANGO"

Mu rwego rwo kumenyekanisha imikoreshereze y'ikoranabuhanga "e-Imiryango" ryo kwandika imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere, hahuguwe abakozi 30 bashinzwe ibikorwa bya JADF mu turere, abayobozi batanu (5) bashinzwe imiyoborere ku rwego rw'Intara n' u Mujyi wa Kigali n'abahagarariye imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere 42.

## 1.3.3. KUGENZURA IMIKORERE N'IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO MU MIRYANGO ITARI IYA LETA, IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE N'IMITWE YA POLITIKI

RGB yakoze ubugenzuzi ku miyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko; gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano; ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'imiryango; icungamutungo n'imicungire y'abakozi ndetse n'ubufatanye n'izindi nzego. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza umubare w'imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere ndetse n'imitwe ya politiki byagenzuwe.

### Imbonerahamwe ya 14: Imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki byagenzuwe

| IBYICIRO BY'IMIRYANGO | UMUBARE |
|---|---|
| IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA | 53 |
| IMIRYANGO MVAMAHANGA ITARI IYA LETA | 22 |
| IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE | 20 |
| IMITWE YA POLITIKI | 5 |
| IGITERANYO | 100 |

### Imbonerahamwe ya 15: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ry'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere

| Nº | ICYAGENZUWE | AMANOTA KURI BURI CYICIRO CY'UMURYANGO | | |
|---|---|---|---|---|
| | | IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA | IMIRYANGO MVAMAHANGA ITARI IYA LETA | IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE |
| 1 | Imiyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko | 47% | 95,8% | 74,2% |
| 2 | Gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano | 68,1% | 80% | 46,2% |
| 3 | Icungamutungo n'imicungire y'abakozi | 76,4% | 87,8% | 55,7% |
| 4 | Ubufatanye n'izindi nzego | 83,6% | 80,5% | 75% |

Aho byavuye: RGB CSO's Assessment Reports 2023-2024

Igenzura ryagaragaje ko imiryango ishingiye ku myemerere n'imiryango nyarwanda itari iya leta ifite intege nke mu birebana no gukorera mu mucyo ndetse n'icungamutungo n'imicungire y'abakozi. Imiryango nyarwanda itari iya leta yo yanagaragayeho intege nke mu birebana n'imiyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko.

Mu ikurikiranabikorwa kandi hagenzuwe imiryango 31 ifite imishinga yatewe inkunga na RGB na UNDP hagamijwe kureba uko iyo mishinga yashyizwe mu bikorwa n'akamaro yagiriye abagenerwabikorwa.

## GUSESENGURA RAPORO Z'IMITWE YA POLITIKI KU MIKORESHEREZE Y'IMARI

Ku bijyanye n'imitwe ya politiki, RGB yasesenguye raporo z'imari z'imitwe ya politiki itanu (5) ari yo; Ishyaka Riraranira Demokrasi Ihuza Abanyarwanda (PDC), Ishyaka Riharanira Ibidukikije na Demokarasi (DGPR), Ishyaka Ntangarugero muri Demokarasi (PDI), Ishyaka ry'Ukwishyira Ukizana (PL) n'Ishyaka ry'Ubufatanye n'Iterambere (PSP). Raporo zasesenguwe zigaragaza ko imitwe ya politiki yagenzuwe yubahiriza amategeko ayigenga mu birebana n'imikoreshereze y'imari.

## IMIRYANGO YAGARAGAYEMO AMAKIMBIRANE N'ICYAKOZWE

Mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'imitangire ya serivisi, RGB ifatanyije n'inzego bireba yakurikiranye imiryango yagarayemo amakimbirane, hafatwa ibyemezo bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

## Imbonerahamwe ya 16: Gukemura amakimbirane mu miryango

| N° | UMURYANGO | ICYICIRO CY'UMURYANGO | IMITERERE Y'IKIBAZO | ICYEMEZO CYAFASHWE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Umuriro wa Pentekote mu Rwanda | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uyu muryango wagaragayemo amakimbirane ashingiye ku miyoborere mibi n'amacakubiri. Wagiriwe inama zo gukemura ayo makimbirane inshuro nyinshi ariko ntibyatanga umusaruro ahubwo amakimbirane n'amacakubiri bikomeza kwiyongera | Icyemezo cy'ubuzimagatozi cy'uyu muryango cyateshejwe agaciro n'ibikorwa byawo birahagarikwa |
| 2 | Hindu Mandal of Rwanda | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uyu muryango wagaragayemo amakimbirane ashingiye ku miyoborere mibi no kudakurikiza amategeko. | Nyuma y'igenzura, RGB yasanze amabwiriza y'umwihariko y'umuryango ari nayo agenderwaho mu gufata ibyemezo anyuranyije n'amategekoshingiro agenga uwo muryango. RGB yasabwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB) gukora igenzura ry'imikoreshereze y'umutungo w'uyu muryango, iyi raporo yarakozwe ishyikirizwa RIB. |
| 3 | Showers of Blessings Church | Umuryango ushingiye ku myemerere | Umuvugizi wungirije yirukanywe mu buryo budakurikije amategeko bikurura amakimbirane yatumye abayoboke bacikamo ibice. RGB yasanze umuvugizi n'umuvugizi wungirije batujuje ibisabwa n'amategeko kugira ngo babe abayobozi b'itorero. Uyu muryango wagiriwe inama zo gukemura amakimbirane inshuro nyinshi ariko ntibyatanga umusaruro ahubwo amakimbirane n'amacakubiri bikomeza kwiyongera. | Icyemezo cy'ubuzimagatozi cy'uyu muryango cyateshejwe agaciro n'ibikorwa byawo birahagarikwa |
| 4 | Ebenezer Rwanda | Umuryango ushingiye ku myemerere | Nk'uko byari byagaragaye muri raporo y'ubushize, uyu muryango wakomeje kugaragaramo ibibazo by'imiyoborere. Ingamba zari zafashwe zo gukemura iki kibazo nta musaruro zatanze kuko ubuyobozi bw'agateganyo bw'umuryango nabwo bwaranzwe n'imikorere mibi n'amacakubiri, aho umuyobozi w'agateganyo wari washyizweho yagaragaweho uburiganya bwo gukoresha abantu biyitirira kuba intumwa za zimwe mu nzego nkuru z'igihugu. | Icyemezo cy'ubuzimagatozi cy'uyu muryango cyateshejwe agaciro n'ibikorwa byawo birahagarikwa |
| 5 | Organisation de l'Enseignement à Programme Belge (OEPB) | Umuryango nyarwanda utari uwa Leta | Umuryango OEPB ufite ikigo cy'ishuri cyitwa Ecole Belge de Kigali (EBK) wagaragayemo amakimbirane ashingiye ku miyoborere, imicungire y'umutungo n'abakozi. | Nyuma yo gusesengura ikibazo, umuryango OEPB warahagaritswe by'agateganyo hashyirwaho komite y'ababyeyi n'ubuyobozi bw'ishuri by'agateganyo hakurikijwe itegeko rigenga uburezi mu Rwanda kugira ngo ibikorwa by'ishuri bidahungabana. Komite y'agateganyo yahawe inshingano zo kuvugurura amategekoshingiro y'umuryango hakagaragazwa neza inzego z'umuryango zitandukanye n'iz'imicungire y'ishuri. Komite y'agateganyo kandi yahawe inshingano zo guhsyiraho imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'ishuri, gushyiraho ubuyobozi bw'ishuri no gukoresha igenzura ry'umutungo. |

## 1.3.4. URUHARE RW'IMIRYANGO MVAMAHANGA ITARI IYA LETA

Raporo z'imiryango Mvamahanga zashyikirijwe RGB nk'uko biteganywa n'itegeko zigaragaza ko iyo miryango yakoze ibikorwa mu nzego zitandukanye bifite agaciro k'amadorali y'Amerika agera kuri 268.245.761 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 17: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango Mvamahanga itari iya leta**

| N° | ICYICIRO | UMUBARE W'IMIRYANGO | INGENGO Y'IMARI/ USD |
|---|---|---|---|
| 1 | Ubuhinzi n'ubworozi | 21 | 26.779.163 |
| 2 | Kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere | 11 | 9.025.956 |
| 3 | Guteza imbere urwego rw'abikorera no kwongerera urubyiruko ubushobozi | 11 | 4.325.618 |
| 4 | Kubaka ubushobozi bw'abari mu mwuga w'ubwikorezi bw'ibicuruzwa | 1 | 144.557 |
| 5 | Kwegereza ubuyobozi abaturage n'imiyoborere myiza | 10 | 16.057.169 |
| 6 | Ubukungu n'imiyoborere/Imicungire y'imari ya Leta | 3 | 6.182.447 |
| 7 | Ubutabera, ubumwe n'ubwiyunge, amategeko n'umutekano | 4 | 3.441.933 |
| 8 | Imyidagaduro n'umuco | 2 | 360.710 |
| 9 | Uburezi | 44 | 63.165.255 |
| 10 | Ubuzima | 24 | 35.958.799 |
| 11 | Imibereho myiza | 39 | 91.477.170 |
| 12 | Amazi, isuku n'isukura | 2 | 10.417.962 |
| **Igiteranyo** | | **172** | **268.245.761** |

Aho byavuye: RGB CSO Monitoring Report 2023-2024

Nk'uko bigaragara, imibereho myiza, ubuzima n'uburezi byihariye 71% by'ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango Mvamahanga itari iya leta. Bimwe mu bikorwa byagezweho n'imwe muri iyi miryango biragaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

## Imbonerahamwe ya 18: Bimwe mu bikorwa by'ingenzi byakozwe n'imwe mu miryango Mvamahanga itari iya Leta

| URWEGO RW'IBIKORWA | INGERO Z'IBYAGEZWEHO |
|---|---|
| UBUREZI | Abanyeshuri 116.999 bishyuriwe amafaranga y'ishuri bahabwa n'ibikoresho by'ishuri<br><br>Mu Karere ka Bugesera, abanyeshuri 386 bo mu bigo by'amashuri y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 bafashijwe kubona ifunguro, bishyurirwa amafaranga y'ishuri bahabwa n'ibikoresho by'ishuri.<br><br>Abanyeshuri 115 bari barangije amashuri yisumbuye bishyuriwe amafaranga y'ishuri muri kaminuza<br><br>Hubatswe irerero rya kijyambere mu Karere ka Nyamasheke |
| UBUHINZI N'UBWOROZI | Mu Ntara y'Iburasirazuba, abahinzi 8.794 bahuguwe kubijyanye no guhinga kijyambere ndetse no gukoresha neza amafaranga yavuye mu musaruro babonye<br><br>Hatubuwe ingemwe z'ibiti by'amashyamba 599.958 zihabwa ingo 71.001 mu karere ka Ngoma<br><br>Hatubuwe ingemwe z'ibiti by'imbuto (fruit trees) 2.500 zihabwa ingo 833 mu karere ka Ngoma<br><br>Mu Karere ka Ngoma, hateguye ibyiciro 12 by'amahugurwa yahawe abahinzi 27.922 ku bijyanye no gukoresha ifumbire n'imbuto nziza, gukoresha uburyo bwiza bwo guhinga mu murima, gutumiza no kwishyura ku ikoranabuhanga inyongeramusaruro ifasha abahinzi |
| UBUZIMA | Mu gihugu hose, abakora muri serivisi z'ubuzima 8.239 mubihe bitandukanye bahawe amaugurwa kubyabafasha kurushaho kunoza umwuga wabo<br><br>Abantu batishoboye 37.480 bo mu turere tugize Umujyi wa Kigali bishyuriwe ubwisungane mu kwivuza |
| IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE | Abaturage 24.577 bo mu turere 7 bahawe 20.509.503.469 frw yo kwiteza imbere |

## 1.3.5. IBIGANIRO N' IMIRYANGO ITARI IYA LETA N'ISHINGIYE KU MYEMERERE

RGB yagiranye ibiganiro n'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere hagamijwe kuganira ku ruhare rwayo mu iterambere ry'igihugu.

RGB yagiranye ibiganiro n'Ubuyobozi bwa Rwanda Inter-Religious Council (RIC) kuva ku rwego rw'igihugu kugeza ku rwego rw'akarere. Ibi biganiro byibanze ku ruhare rw'imiryango ishingiye ku myemerere mu kwimakaza imiyoborere myiza, kubahiriza amategeko, kurwanya ibyaha by'iyezandonke, ibyo gutera inkunga iterabwoba n'iby'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. By'umwihariko, RGB yagaragarije abitabiriye ibi biganiro ibyavuye mu igenzura ryakozwe mu miryango ishingiye ku myemerere hasuzumwa imiyoborere, kubahiriza amategeko no gushyiraho ingamba zo kurwanya ibyaha by'iyezandonke, ibyo gutera inkunga imitwe y'iterabwoba n'iby'ubucuruzi bw'intwaro ntoya.

Abitabiriye inama bashishikarijwe gushyiraho ingamba zo gukumira urusaku no gufata amazi aturuka ku nyubako zisengerwamo. Banibukijwe kubahiriza ibiteganywa n'itegeko n°72/2018 ryo ku wa 31/08/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku myemerere cyane cyane ku bijyanye n'amashuri asabwa abayobora iyi miryango.

Nyuma y'ibiganiro, hatanzwe ibyifuzonama birimo kurushaho kwimakaza imiyoborere myiza, kubahiriza amategeko, gushyiraho ingamba zo kurwanya ibyaha by'iyezandonke, ibyo gutera inkunga imitwe y'iterabwoba n'iby'ubucuruzi bw'intwaro ntoya ndetse no gushyiraho ingamba zo kugabanya urusaku rutezwa n'inzu zisengerwamo.



Abitabiriye inama yahuje RGB n' n'Ubuyobozi bwa Rwanda Inter-Religious Council (RIC), Kigali, ku wa 5 Ukuboza 2023

Ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC), RGB yagiranye ibiganiro n'abahagarariye imiryango itari iya Leta bagera ku 150 n'ab'imiryango ishingiye ku myemerere bagera ku 100, byibanze ku gusobanura ibikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite yo muri Nyakanga 2024.



Bamwe mu bitabiriye inama yateguwe na RGB ku bufatanye na Komisiyo y'amatora n'abahagarariye imiryango itari iya Leta, Kigali Ku wa 3 Kamena 2024



Abitabiriye inama yahuje RGB kubufatanye na Komisiyo y'amatora n'abahagarariye imiryango inshingiye ku myemerere, Ku wa 4 Kamena 2024

## 1.3.6. KONGERERA UBUSHOBOZI IMITWE YA POLITIKI

Hashingiwe ku itegeko ngenga n°10/2013 ryo kuwa 12/3/2013 rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki mu ngingo yaryo ya 23 nk'uko ryavuguruwe muri 2018, RGB yateye inkunga imitwe ya politiki uko ari 11 mu rwego rwo kuyifasha mu bikorwa byayo bya buri munsi. Inkunga yose yatanzwe ingana n'amafaranga y' u Rwanda 55.000.000 aho buri mutwe wa politiki wahawe 5.000.000.

## 1.3.7. KONGERERA UBUSHOBOZI IMIRYANGO ITARI IYA LETA N'ISHINGIYE KU MYEMERERE

Hashingiwe kuri gahunda ya leta yo gufatanya n'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere mu bikorwa by'iterambere n'ibyo kubaka ubushobozi bw'iyo miryango, ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Rishinzwe Iterambere (UNDP), RGB yatanze amafaranga y' u Rwanda 514.337.285 ku mishinga 31 y'imiryango yatoranyijwe binyuze mu ipiganwa. Ibikorwa by'iyi mishinga yatewe inkunga byageze ku baturage bagera kuri 1.031 binagira uruhare mu guhanga imirimo mishya igera kuri 381.

**Imbonerahamwe ya 19: Imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere yatewe inkunga**

| N° | IBIKORWA BYATEWE INKUNGA | UMUBARE W'IMISHINGA | AMAFARANGA YATANZWE | UMUBARE W'ABAGENERWABIKORWA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Kubaka ubushobozi no guteza imbere urubyiruko | 11 | 144.956.437 | Abakobwa 201<br>Abahungu 108 |
| 2 | Kwegereza abaturage serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi | 5 | 75.000.000 | Ingo 455 |
| 3 | Kurengera uburenganzira bw'umwana, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana | 3 | 45.000.000 | Abakobwa 77<br>Abahungu 4 |
| 4 | Kongerera ubushobozi urubyiruko mu kubungabunga ibidukikije | 2 | 14.937.500 | Abakobwa 60<br>Abahungu 30 |
| 5 | Kongerera ubushobozi abafite ubumuga b'urubyiruko | 3 | 75.000.000 | Abakobwa 10<br>Abahungu 10 |
| 6 | Gutera inkunga ibikorwa by'ubucuruzi byagizweho ingaruka n'icyorezo cya COVID-19 | 6 | 59.924.300 | Abagore 97<br>Abagabo 45 |
| 7 | Kongerera ubushobozi Ihuriro ry'Imiryango Itari iya Leta (RCSP) | 1 | 99.519.048 | N/A |
| **Igiteranyo** | | **31** | **514.337.285** | **1.031** |

## 1.3.8. KUMENYEKANISHA IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI KU GIPIMO CY'ITERAMBERE RYA SOSIYETE SIVILE (RCSB 2023)

RGB yamuritse ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'iterambere rya sosiyete sivile mu Rwanda (RCSB 2023) kigamije kwerekana iterambere n'imikorere by'imiryango itari iya leta.




Abitabiriye igikorwa cyo kumurika ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'iterambere rya sosiyete sivile mu Rwanda

Iki gipimo cyagaragaje ahakwiye gushyirwa imbaraga kugira ngo sosiyete sivile inoze imikorere yayo bityo igere ku ntego zayo. By'umwihariko, hagaragajwe ko hakwiye gukorwa ibi bikurikira: kunoza imikoranire ya sosiyete sivile n'abikorera, gukaza ingamba zo gukumira no guhana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, kongera uruhare rw'abaturage mu guteza imbere gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano mu bikorwa bya sosiyete sivile ndetse no kunoza imikorere y'inzego z'imiryango nyarwanda itari iya leta.

## 1.3.9. GUTANGA AMAHUGURWA KU MIRYANGO ITARI IYA LETA NO GUKORA GAHUNDA YO KWIGIRANAHO

Mu rwego rwo kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta, hahuguwe abakozi 80 (abagore 41 n'abagabo 39) bari mu nzego z'itandukanye z'iyi miryango. Amahugurwa yibanze ku bijyanye n'icungamutungo, (financial management), gushaka umutungo no gukora imishinga (Fundraising, resources mobilization and grants proposal writing) ndetse n' imiyoborere no kubaka inzego zihamye (Leadership, management and CSO institutional development).


Muri gahunda yo kwigiranaho, hakozwe ibikorwa bitatu (3) aho abahagarariye imiryango 53 bakoze ingendoshuri mu miryango irindwi (7) yagaragaje imikorere myiza muri ibi bikurikira: guhanga ibishya mu guha urubyiruko ubumenyingiro bufite ireme, gushyira mu bikorwa imishinga yo kuzamura abagore, kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore no kurengera abana ndetse no gusangira amakuru y'ibyo bakora.

## 1.3.10. IBIKWIRIYE KWITABWAHO BYAGARAGAYE MU MIRYANGO ITARI IYA LETA N'ISHINGIYE KU MYEMERERE

| IBWIKWIYE KWITABWAHO | INZEGO BIREBA |
|---|---|
| Kunoza imiyoborere, gukorera mu mucyo, kubazwa inshingano no kubahiriza amategeko mu miryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere | RCSP, NINGO, RIC |
| Gushyiraho ingamba zo gukumira no kurwanya ibyaha by'iyezandonke, ibyo gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba n'ibyo gukwirakwiza intwaro za kirimbuzi | FIC, RCSP, NINGO, RIC |

# 1.4. GUKURIKIRANA, KUBAKA UBUSHOBOZI NO GUHUZA IBIKORWA BY'ITANGAZAMAKURU

Muri iki cyiciro, hari hateganyijwe gukora ubushakashatsi ku gipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu rwanda (Rwanda Media Barometer- RMB 5th Edition); kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru; guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru binyuze mu gutanga ibihembo ku banyamakuru n'ibitangazamakuru byabaye indashyikirwa; gukurikirana uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru; gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bunyamwuga n'iterambere ry'itangazamakuru; gutegura umunsi nyafurika w'itangazamakuru ndetse n'ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru.







## 1.4.1. UBUSHAKASHATSI KU GIPIMO CY'ITERAMBERE RY'ITANGAZAMAKURU MU RWANDA (RWANDA MEDIA BAROMETER - RMB 5TH EDITION)

Buri myaka ibiri RGB ikora ubushakashatsi bugaragaza ibipimo by'uko itangazamakuru rihagaze mu Rwanda. Mu mwaka wa 2023-2024, hakozwe ubu bushakashatsi ku nshuro ya gatanu. Incamake y'ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 20: Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by' itangazamakuru mu Rwanda**

| N° | IBIPIMO | AMANOTA |
|---|---|---|
| 1 | Amategeko na politiki byorohereza imikorere y'itangazamakuru (Legal and policy framework) | 90% |
| 2 | Urunyurane rw'ibitangazamakuru bifite imirongo ngenderwaho itandukanye (Media plurality and diversity) | 72,3% |
| 3 | Uruhare rw'itangazamakuru mu miyoborere myiza na demokarasi (Media as a platform for strengthening governance and democracy) | 81,3% |
| 4 | Ubushobozi n'ubunyamwuga bw'itangazamakuru (Media development and professional Capacity) | 60,7% |
| 5 | Uburyo bwo kubona no gusakaza amakuru (Information access and transmission) | 79,1% |
| **Impuzandengo** | | **76,7%** |

Aho byavuye: RMB 2024

Iyi mbonerahamwe igaragaza ko igipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru kiri kuri 76,7%, kivuye kuri 80,6% cyariho muri RMB 2021. Izi mpinduka zabaye mu manota zatewe ahanini n'amavugurura yakozwe mu buryo ubu bushakashatsi bukorwamo aho uburemere bwashyizwe cyane ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganywa n'amatageko mu gihe mu bwabubanjirije hahabwaga uburemere kubaho kw'amategeko ubwabyo byatumaga amanota azamuka.

Muri RMB 2024 Igipimo cy'Ishyirwaho ry'amategeko na politiki byorohereza imikorere y'itangazamakuru ni cyo cyaje imbere kuri 90% mu gihe igipimo cy'Ubushobozi n'ubunyamwuga bw'itangazamakuru ari cyo cyaje inyuma kuri 60,7%.

Mu bibazo RMB 2024 yagaragaje bikwiye kwitabwaho by'umwihariko harimo ikibazo cy'amikoro adahagije y'ibitangazamakuru n'abanyamakuru, ubunyamwuga buke mu banyamakuru bamwe na bamwe, imbogamizi mu kubona amakuru mu nzego zitandukanye, umubare w'abanyamakuru b'igitsina gore ukiri hasi n'ikibazo cy'abanyamakuru bakoresha rurimi rw'ikinyarawanda mu buryo butanoze.

## 1.4.2. KONGERERA UBUSHOBOZI AMASHYIRAHAMWE Y'ABANYAMAKURU N'IBITANGAZAMAKURU

Ibikorwa byo kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru bigizwe n'inkunga y'amafaranga yahawe amashyirahamwe y'abanyamakuru ndetse n'amahugurwa yahawe abanyamakuru.

## INKUNGA Y'AMAFARANGA YAHAWE AMASHYIRAHAMWE Y'ABANYAMAKURU

RGB yateye inkunga amashyirahamwe y'abanyamakuru abiri n'Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura mu buryo bukurikira:

Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru mu Rwanda (ARJ) ryahawe amafaranga y' u Rwanda 193.341.973 yakoreshejwe mu kwishyura imishahara y'abakozi no mu bindi bikorwa byaryo bya buri munsi. Iyo nkunga kandi yatumye ARJ ifasha ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru bitandukanye kubona aho bikorera haboneye harimo n'ibikoresho nka mudasobwa zifite interineti ihoraho. Indi nkunga ya 12.364.650 z'amafaranga y' u Rwanda yatanzwe muri gahunda yo gushyigikira itangizwa rya koperative y'abanyamakuru (Media Development Cooperative-MEDECO) igamije iterambere ry'urwego rw'itangazamakuru n'imibereho myiza y'abanyamakuru.

Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura (RMC) rwahawe amafaranga y' u Rwanda 149.116.345 yakoreshwejwe mu kwishyura imishahara y'abakozi, ibikoresho no kubaka ubushobozi kugira ngo rubashe gusohoza inshingano zo gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame agenga umwuga w'itangazamakuru no gutanga ibyangombwa ku bitangazamakuru no ku banyamakuru.

Igikorwa cyo kubakira RMC ubushobozi, cyatumye ibasha gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame y'umwuga w'itangazamakuru, aho yakiriye ikanakemura ibirego 17 byiganjemo ibirebana n'abanyamakuru barezwe gutandukira amahame y'umwuga. Urwego rw'abanyamakuru bigenzura (RMC) rwanasesenguye inkuru n'ibiganiro by'ibitangazamakuru 20. Hagaragayemo amakosa 51 ajyanye no gutandukira amahame y'umwuga, hatangwa inama ku bitangazamakuru yagaragayemo.

RGB yanateye inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 46.216.973 Ishyirahamwe ry'abagore bakora umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda (ARFEM). Iyi nkunga yakoreshejwe mu kubaka ubushobozi bw'iri shyirahamwe, mu gukora inyandiko ziyobora iri shyirahamwe mu mikorere yaryo no guhugura abanyamuryango.

## AMAHUGURWA YAHAWE ABANYAMAKURU

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, RGB yakurikiranye ibikorwa bijyanye no kongerera ubushobozi abanyamakuru bikorwa n'ibigo n'imiryango itandukanye. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza amahugurwa yatanzwe n'abayitabiriye:

### Imbonerahamwe ya 21: Amahugurwa yahawe abanyamakuru

| N° | AMAHUGURWA | ABATEGUYE AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | ABAGORE | ABAGABO | IGITERANYO |
| 1 | bafite ubumuga mu bikorwa by'inzego zegerejwe abaturage (Disability inclusion at the grassroots level) | Rwanda Journalists Association (ARJ) | 11 | 9 | 20 |
| 2 | Uruhare rw'itangazamakuru mu migendekere myiza y'icyumweru cyahariwe konsa | | 9 | 11 | 20 |
| 3 | Gukora inkuru zikoresha imibare mu kugaragaza ikibazo cy'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore | | 15 | 15 | 30 |
| 4 | Gukora inkuru zijyanye no kwita ku bafite ubumuga | | 31 | 29 | 60 |
| 5 | Gukora inkuru ku kibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, kurengera umwana no kumurinda | | 16 | 19 | 35 |
| 6 | Inkuru zicukumbuye | | 20 | 40 | 60 |
| 7 | Gukora inkuru ku matora | | 18 | 42 | 60 |
| 8 | Kumenya gusesengura ibitangazwa mu bitangazamakuru | | 14 | 11 | 25 |
| 9 | Politiki yo guteza imbere uburinganire mu bitangazamakuru | Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru b'Abagore bo mu Rwanda (ARFEM) | 20 | 20 | 40 |
| 10 | Ubwisanzure bwo gutanga ibitekerezo | | 65 | 0 | 65 |
| 11 | Gukora inkuru hazirikanwa ihame ry'uburinganire | | 43 | 0 | 43 |
| 12 | Guteza imbere uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa binyuze mu itangazamakuru | | 7 | 0 | 7 |
| 13 | Kongera ubumenyi bw'abanyamakuru b'abagore mu birebana no gukora inshingano z'umwanditsi mukuru w'igitangazamakuru | | 35 | 0 | 35 |

| Nº | AMAHUGURWA | ABATEGUYE AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | ABAGORE | ABAGABO | IGITERANYO |
| 14. | Gusobanukirwa no gusesengura inkuru z'ubukungu | Fojo media institute | 10 | 16 | 26 |
| 15. | Gutegura amakuru n'uburyo abayakurikira bayagiramo uruhare | | 5 | 13 | 18 |
| 16. | Gukora inkuru ku matora y'umukuru w'igihugu n'abadepite | | 9 | 15 | 24 |
| 17. | Kugira ubumenyi bw'ibanze ku ihame ry'uburinganire no kurikoraho inkuru | | 9 | 11 | 20 |
| 18. | Gusesengura imirongo yo muri Bibiliya ivuga ku buringanire n'uburyo abanyamakuru bayikoraho inkuru | | 18 | 11 | 29 |
| 19. | Gukora kinyamwuga inkuru zirebana no kurengera ibidukikije | | 19 | 21 | 40 |
| 20. | Uburyo bwo gutegura igitekezo cy'inkuru yo kugurisha ku bitangazamakuru Mvamahanga | | 18 | 22 | 40 |
| 21. | Gukora inkuru ku kibazo cy'ubuzima bwo mu mutwe | Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru baharanira iterambere (RJSD) | 12 | 17 | 29 |
| 22. | Gusobanukirwa imikorere y'ibitangazamakuru bikoresha amajwi n'amashusho | | 11 | 13 | 24 |
| 23. | Inkuru zicukumbuye n'aho zihurira n'itegeko ry'itangazamakuru | Legal Aid Forum | 70 | 0 | 70 |
| 24. | Itangazamakuru ricukumbuye | | 37 | 0 | 37 |
| 25. | Politiki y'u Rwanda ku burenganzira bw'abantu bafite ubumuga n'uburyo bwo kuyimenyekanisha | Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru baharanira uburenganzira bw'abafite ubumuga (ROJAPED) | 3 | 5 | 8 |
| 26. | Gukora inkuru kuri siporo z'abantu bafite ubumuga | | 1 | 4 | 5 |
| 27. | Gukora inkuru ku kubaka amahoro n'isanamitima | Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura (RMC) | 8 | 19 | 27 |
| 28. | Ubucuruzi n'ihame ry'uburinganire mu karere u Rwanda ruherereyemo | Friedrich Ebert Stiftung (FES) | 5 | 11 | 16 |

## 1.4.3. GUTEZA IMBERE UBUNYAMWUGA MU ITANGAZAMAKURU

Mu rwego rwo guteza imbere ubunyamwuga mw'itangazamakuru, RGB ku bufatanye n'Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru mu Rwanda (ARJ), n'abafatanyabikorwa batandukanye yatanze ibihembo ku bitangazamakuru n'abanyamakuru babaye indashyikirwa. Ibi bihembo bitangwa muri gahunda ngarukamwaka izwi nka Development Journalism Awards (DJA).

Muri uyu mwaka aya marushanwa yitabiriwe n'abanyamakuru 138. Muri rusange hatanzwe ibihembo 22 bifite agaciro ka miliyoni 20 z'amafaranga y'u Rwanda.




Ifoto y'urwibutso mu muhango wo gutanga ibihembo ku banyamakuru batsinze muri DJA, Kigali ku wa 7 Ugushyingo 2023

Iki gikorwa cyanagizwemo uruhare n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye nk'uko bagaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 22: Inzego n'imiryango bashyigikiye itegurwa rya DJA**

| N° | URWEGO |
|---|---|
| 1. | Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) |
| 2. | Minisiteri ya Siporo (MINISPORTS) |
| 3. | Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) |
| 4. | Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT) |
| 5. | Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP) |
| 6. | Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima (RBC) |
| 7. | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) |
| 8. | Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga (NAEB) |
| 9. | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gukwirakwiza Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC) |
| 10. | Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (RBA) |
| 11. | Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) |
| 12. | Komisiyo y'Igihugu ya UNESCO (RNCU) |
| 13. | Ishyirahamwe rihuza inzego z'ibanze n'Umujyi wa Kigali (RALGA) |
| 14. | BRALIRWA |
| 15. | Radiant |

## 1.4.4. GUKURIKIRANA UKO ITANGAZAMAKURU RYUBAHIRIZA AMATEGEKO N'IBIKUBIYE MURI POLITIKI Y'ITANGAZAMAKURU

Ishingiye ku nshingano ihabwa n'itegeko yo guteza imbere urwego rw'itangazamakuru no kujya inama ku mikorere yarwo, RGB yakoze igenzura ry'uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru. Muri uyu mwaka iri genzura ryibanze ku buryo abanyamakuru bubahiriza ingingo y'itegeko ibasaba kugira ikarita y'umwuga (Press card). Mu bigo 237 byagenzuwe, 58 (24,5%) nibyo byonyine byatanze amakuru yasabwe aho mu banyamakuru 613 bikoresha, 124 (20,2%) ari bo bafite ikarita y'umwuga.

Muri uyu mwaka RGB, yanagenzuye uburyo inzego za Leta zubahiriza ingingo y'itegeko izisaba kugena umukozi ushinzwe gutanga amakuru (Information Officer) aho mu nzego 52 zasabwe amakuru, 15 ni zo zasubije zinagaragaza ko zashyizeho abo bakozi.

Ubugenzuzi bwagaragaje ko hari ibigomba kunozwa haba mu buryo ibitangazamakuru byubahiriza Itegeko rigenga itangazamakuru ndetse n'uburyo inzego zubahiriza Itegeko ryerekeye kubona amakuru.

## 1.4.5. GUTEGURA IBIGANIRO NYUNGURANABITEKEREZO KU BUNYAMWUGA N'ITERAMBERE RY'ITANGAZAMAKURU

RGB yakoze ibiganiro bitandukanye n'abafatanyabikorwa mu itangazamakuru byitabiriwe n'abahagarariye inzego za Leta zifite itangazamakuru mu nshingano zazo, amashyirahamwe y'abanyamakuru ndetse n'abafatanyabikorwa mu iterambere. Ibi biganiro byari bigamije kungurana ibitekerezo no kurebera hamwe aho iterambere ry'itangazamakuru rigeze, imbogamizi zigaragaramo n'ingamba zikwiye gufatwa. Ibi biganiro byabaye mu bihe bitandukanye byitabiriwe muri rusange n'abantu 101. Umusaruro w'ingenzi wavuye muri ibi biganiro byakozwe ni:

- Ishyirwaho ry'urubuga rwihariye ruhuza inzego n'abafatanyabikorwa bafite ibikorwa byo guteza imbere itangazamakuru "Media Development Technical Working Group";
- Gukusanya ibitekerezo byafashije mu gukora no kunoza imbanzirizamushinga ya politiki ivuguruye y'itangazamakuru;
- Gusangira amakuru y'ibyavuye mu bushakashatsi ku mikoro n'imibereho y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru mu Rwanda no kuganira ku ngamba zo gukemura ibibazo byagaragajwe n'ubushakashatsi;
- Gufasha abanyamakuru gusobanukirwa ibirebana n'amatora n'uruhare rw'itangazamakuru mu migendekere myiza yayo.



Bamwe mu bitabiriye ibiganiro byahuje RGB, ARJ, RMC n'abanditsi bakuru. Kigali, ku wa 20 Kamena, 2024.



Abitabiriye ibiganiro ku iterambere ry'itangazamakuru byabereye i Kigali ku wa 12 Werurwe, 2024

## 1.4.6. GUTEGURA UMUNSI NYAFURIKA W'ITANGAZAMAKURU

U Rwanda rwizihije Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru mu birori byabereye i Kigali ku wa 7 Ugushyingo, 2023. Mu kwizihiza uyu munsi hakozwe ibiganiro byitabiriwe n'abantu 200 byibanda ku nsanganyamatsiko yo guteza imbere itangazamakuru mu buryo burambye. Ingingo zagarutsweho muri ibyo biganiro ni izi zikurikira:

I. Urugendo rwo kuvugurura politiki y'itangazamakuru
II. Uruhare rw'itangazamakuru ryo muri Africa mu gufasha uyu mugabane kugera ku ntego za 2063
III. Ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe na RGB ku mikoro n'imibereho y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru.

Muri ibi biganiro hagaragajwe ko Guverinoma y'u Rwanda iha agaciro itangazamakuru ari nayo mpamvu hatangijwe gahunda yo kuvugurura Politiki y'itangazamakuru ngo ihuzwe n'igihe. Iyi politiki ikazashingirwaho nk'umurongo ngenderwaho mu kubaka itangazamakuru.

Abatanze ubutumwa muri ibi biganiro banashimangiye ko mu Rwanda kimwe no hirya no ku isi, itangazamakuru rifite ikibazo cy'amikoro aterwa ahanini n'impinduka zabayeho mu mikorere y'itangazamakuru. Hagaragajwe ko ba nyir'ibitangazamakuru bakeneye guhuza imikorere n'ibihe cyane cyane babyaza umusaruro ikoranabuhanga ariko no ku ruhande rwa Guverinoma hagakomeza

ubukangurambaga bugamije kuzana abashoramari mu rwego rw'itangazamakuru. Abanyamakuru bo muri Afurika bakanguriwe gukora inkuru zigaragaza ukuri ku iterambere n'ibyiza bigerwaho muri Afurika kuko bo ubwabo nibatabyivugira nta wundi uzabivuga cyangwa n'uwo hanze uzabivuga akabikora mu buryo we abyumva cyangwa bijyanye n'uko yifuza ko bimera.




Abatanze ibiganiro mu muhango wo kwizihiza umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru, Kigali ku wa 7 Ugushyingo 2023.

## 1.4.7. UBUKANGURAMBAGA KU ITEGEKO RYEREKEYE KUBONA AMAKURU

Mu mwaka wa 2023-2024 RGB yakomeje ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru hagamijwe gukangurira inzego gufasha abaturage kubona amakuru basaba ubwabo cyangwa ayo babona binyuze mu bitangazamakuru. Hakozwe ibiganiro byatambutse mu bitangazamakuru (Radio izuba, Radio Ishingiro) ndetse n'ibyakozwe mu nama z'imbonankubone mu Ntara y'Iburengerazuba.

## 1.4.8. IBIKWIRIYE KWITABWAHO MU RWEGO RW'ITANGAZAMAKURU

### Imbonerahamwe ya 23: Ibikwiye kwitabwaho mu rwego rw'itangazamakuru

| IBWIKWIYE KWITABWAHO | INZEGO BIREBA |
|---|---|
| Kongerera ubushobozi no kuzamura ubunyamwuga mu itangazamkuru | RGB, Amashyirahamwe y'Abanyamakuru, Amashuri yigisha itangazamakuru, Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'itangazamakuru |
| Kuvugurura amategeko n'amahame ngengamyitwarire y'umwuga w'itangazamakuru hagamijwe kuyahuza n'igihe | RGB, RURA, RMC, |
| Kwimakaza ihame ry'uburinganire no kudaheza mu mwuga w'itangazamakuru | RGB, Amashyirahamwe y'Abanyamakuru, Media houses, MIGEPROF, GMO, NCPD |
| Gushyiraho ingamba zo kunoza imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru | RGB, MINUBUMWE, Ibitangazamakuru |

# 1.5. IBIGANIRO KU MIYOBORERE

RGB yagiranye ibiganiro n'abafatanyabikorwa bo mu byiciro binyuranye birimo: inzego za leta, imiryango itari iya leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'amatsinda aturutse hanze y'u Rwanda. Ibi biganiro byibanze ku miyoborere, imitangire ya serivisi, uburyo bwo kwishakamo ibisubizo, imikorere n'iterambere by'itangazamakuru, imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere.

## 1.5.1. AMATSINDA ATURUTSE HANZE Y'U RWANDA RGB YAKIRIYE

Buri mwaka, RGB yakira amatsinda y'abashyitsi bakorera ingendoshuri mu Rwanda baje kureba aho u Rwanda rugeze mu iterambere n'imiyoborere. Mu mwaka wa 2023-2024, RGB yakiriye mu bihe bitandukanye amatsinda 26 aturutse mu bihugu bikurikira; Ghana, Zambia, Burundi, Burkina Faso, Malawi, Nigeria, Zambia, Kenya, Mali, Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Uganda, Liberia, Somalia, Sudani y'Amajyepfo, Zimbabwe, Ubwongereza, Zanzibar na Senegal.

Ibiganiro RGB yagiranye n'aya matsinda byibanze kuri ibi bikurikira: Ishusho y'imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Rwanda, uruhare rw'imitangire ya serivisi mu mibereho myiza n'iterambere, imiyoborere y'inzego z'ibanze mu Rwanda, imikorere y'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere no kuri politiki yo kwishakamo ibisubizo.










## 1.5.2. IBIGANIRO RGB YATANZE MU BAFATANYABIKORWA BATANDUKANYE

RGB yatanze ibiganiro ku nzego n’ibyiciro bikurikira: Imiryango nyarwanda itari iya leta, Imiryango Mvamahanga itari iya leta, Ihuriro ry’Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda, Imiryango Ishingiye ku Myemerere, Ishuri Rikuru rya Polisi (National Police College), Ishuli Rikuru rya Gisirikare (Senior Command and Staff College-Nyakinama), Ihuriro ry’Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry’Umujyi wa Kigali, amashyirahamwe y’abanyamakuru, Itorero ry’abakozi ba WASAC Icyiciro cya II n’icya III, Inama y’Inararibonye (REAF Council) n’ikiganiro mu mwiherero w’Inama Njyanama y’Akarere ka Kayonza n’abafatanyabikorwa bako.

Ibi biganiro RGB yatanze byibanze ku ngingo zitandukanye zirimo: Imiyoborere myiza n’uburyo bwo kwishakamo ibisubizo, uruhare rw’ubuyobozi bureba kure mu gushishikariza abaturage kwikemurira ibibazo, kwimakaza amahoro n’iterambere mu gihugu kivuye mu ntambara, uko u Rwanda rwiyubatse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kurwanya ruswa n’akarengane, imitangire ya serivisi n’uruhare rw’abaturage mu bibakorerwa.

Binyuze mu bitangazamakuru bitandukanye, RGB yatanze ibiganiro byibanze ku ngingo zinyuranye zijyanye n’ibikorwa n’inshingano za RGB, ari zo: Imikorere y’imiryango itari iya leta n’ishingiye ku myemerere; imitangire ya serivisi; guteza imbere amahame y’imiyoborere myiza; igipimo cy’imiyoborere mu Rwanda; iterambere ry’urwego rw’itangazamakuru; ndetse n’uruhare rw’abaturage mu bibakorerwa n’uburenganzira bwo kubona amakuru.

# 1.6. UBUYOBOZI N'IMIRIMO RUSANGE

Ku birebana n'ubuyobozi n'imirimo rusange, hari hateganyijwe ibikorwa bitandukanye bigamije kubaka ubushobozi bw'Urwego kugira ngo rubashe gusohoza neza inshingano zarwo. Muri ibyo, harimo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko by'umwaka wa 2023-2024 no gutegura iby'umwaka wa 2024-2025, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa bya RGB n'iby'abafatanyabikorwa.

## 1.6.1. ISHYIRWA MU BIKORWA RYA GAHUNDA Y'IBIKORWA, INGENGO Y'IMARI N'AMASOKO


Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, RGB yari yateganyije ibikorwa 53. Muri byo 52 bihwanye na 98% byarakozwe birarangira. Igikorwa cyo gutegura raporo y'ubugenzuzi bw'imari ya buri gihembwe ni cyo kitakozwe bitewe n'uko nta mukozi ubishinzwe (internal auditor) uhari.

Ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y'u Rwanda 2.972.06.056 arimo 1.882.582.645 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta ndetse na 1.089.486.411 yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'imiyoborere. Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku kigero cya 92,6%, aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku kigero cya 94,2% naho iy'imishinga ikoreshwa ku kigero cya 89,7%.

**Imbonerahamwe ya 24: Ingengo y'imari yakoreshejwe**

| Aho ingengo y'imari yaturutse | Ingengo y'imari RGB yahawe (Frw) | Ingengo y'imari yakoreshejwe | | Ingengo y'imari itarakoreshejwe | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Umubare (Frw) | Ijanisha | Umubare (Frw) | Ijanisha |
| Deepening Democracy and Accountable Governance (DDAG) project | 526.121.995 | 514.866.441 | 97,9% | 11.255.554 | 2,1% |
| Strengthening CSOs for Responsive and Accountable Governance project | 563.364.416 | 462.692.780 | 82,1% | 100.671.636 | 17,9% |
| **Igiteranyo** | **1.089.486.411** | **977.559.191** | **89,7%** | **111.927.220** | **10,3%** |
| Ingengo y'imari yatanzwe na Leta | 1.882.582.645 | 1.774.919.745 | 94,2% | 107.662.900 | 5,8% |
| **Igiteranyo rusange** | **2.972.069.056** | **2.752.478.936** | **92,6%** | **219.590.120** | **7,4%** |

### Ishusho ya 4: Imikoreshereze y'ingengo y'imari




Ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasoko, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, RGB yari yateganyije gutanga amasoko 28. Amasoko yatanzwe akarangira ni 27 (96,42%). Isoko ritatanzwe ni iryo kugura amavuta y'imodoka (fuel) kuko ryatangajwe hakabura ba rwiyemezamirimo baripiganira.

## 1.6.2. GUKURIKIRANA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INGAMBA ZO KWIMAKAZA IHAME RY'UBURINGANIRE

Mu mwaka wa 2023-2024, ibikorwa byo guteza imbere ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore byibanze mu kwimakaza iri hame binyuze mu bushakashatsi n'amasuzuma bikorwa na RGB ndetse no muri gahunda n'ibikorwa byayo n'iby'abafatanyabikorwa. Ni muri urwo rwego, ihame ry'uburinganire ryitabwaho mu gutoranya abakorerwaho ubushakashatsi n'amasuzuma ndetse no mu isesengura ry'ibyavuyemo.

Ubushakashatsi ku miyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zegerejwe abaturage (CRC), bwakorewe ku bantu 10.538, muri bo 6.152 (58.4%) bari abagore naho 4.386 (41.6%) bari abagabo. Muri CRC 2024, ibirebana n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda biri mu byitaweho. By'umwihariko, ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS) gikora isesengura ryihariye ku iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore mu nzego zifata ibyemezo haba mu nzego za leta, iz'abikorera ndetse no mu miryango itari iya leta.

Ihame ry'uburinganire kandi ryitaweho mu bikorwa byo kubaka ubushobozi bw'imiryango nyarwanda itari iya Leta. Ibi byagaragariye mu gutoranya imiryango yagombaga guhabwa inkunga yo gushyira mu bikorwa imishinga yayo. Imiryango 31 yagaragaje ko mu bagenerwabikorwa bayo 3.128 harimo abagore 2.105 n'abagabo 1.023. Ku bijyanye n'amahugurwa yahawe abahagarariye imiryango itari iya Leta, abayitabiriye bose bari 80 barimo abagore 41 n'abagabo 39.

Mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire mu rwego rw'itangazamakuru, RGB ku bufatanye n'abafatanyabikorwa yashyizeho ibihembo ngarukamwaka byagenewe abanyamakuru b'indashyikirwa (DJA) harimo ibyihariye byagenewe abakoze inkuru ziteza imbere ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore mu itangazamakuru. Harimo kandi igihembo cyihariye cyagenewe umunyamakuru w'umugore wahize abandi.

### 1.6.2. UBUGENZUZI BW'IMARI YA LETA Y'UMWAKA WA 2022-2023

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yakoze ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'ingengo y'imari RGB yahawe mu mwaka wa 2022-2023. Ibyavuye muri ubu bugenzuzi byerekana ko RGB yabonye raporo ntamakemwa (unqualified audit opinion) ku mikoreshereze y'ingengo y'imari itangwa na Leta n'iy'imishinga, haba mu mitegurire ya raporo z'imari (financial statements audit), iyubahirizwa ry'amategeko (compliance audit) ndetse no kudasesagura umutungo wa Leta (value for money audit). Iyi raporo igaragaza kandi ko RGB yashyize mu bikorwa ku gipimo cy'ijana ku ijana (100%) inama yari yagiriwe mu bugenzuzi bwa 2021-2022.

### 1.6.4. KONGERERA UBUSHOBOZI URWEGO N'ABAKOZI BARWO

Mu rwego rwo gukomeza gushyira mu bikorwa gahunda y'imyaka 5 yo kubaka ubushobozi bw'Urwego, abakozi ba RGB bitabiriye amahugurwa atandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 25: Amahugurwa yahawe abakozi ba RGB**

| Nº | AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE |
|---|---|---|
| 1. | Ku bufatanye na Guverinoma y'Ubushinwa, hateguwe amahugurwa ku mikorere n'ubushobozi bw'inzego za Leta. Aya mahugurwa yabereye mu Bushinwa. | 2 |
| 2. | Ikoreshwa ry'uburyo bushya bw'ikoranabuhanga mu micungire y'abakozi | 2 |
| 3. | Ikoreshwa ry'uburyo bushya bw'ikoranabuhanga mu gutegura no gusuzuma imihigo y'abakozi | 2 |
| 4. | Iteka rya ministiri rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya leta | 1 |
| 5. | Ikoreshwa ry'uburyo bushya bw'ikoranabuhanga mu kubika amakuru, gucunga, no gutanga raporo ku bikoresho bya leta. | 4 |
| 6. | Imikorere y'uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kwandika no gukurikirana imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere (e-Imiryango) | 13 |

### 1.6.5. KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

Ku bufatanye bw'abahagarariye imiryango itari iya leta n'abakozi ba RGB hateguwe igikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Abitabiriye iki gikorwa basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi, banahabwa ikiganiro ku ruhare rwa sosiyete sivile mu gukumira no kurwanya ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Banatanze inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 10.996.667 yo gufasha mu bikorwa by'Urwibutso rwa Kigali no gufasha abacitse ku icumu binyuze mu muryango wa Ibuka.





2



## IGICE CYA KABIRI

# GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2024-2025

## 2. GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2024-2025

Mu mwaka wa 2024-2025, RGB yateganyije ibikorwa 37 bikubiye mu byiciro bikurikira:

### 2.1. UBUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE NO GUTEZA IMBERE UBURYO BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO

1. Gukora ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 12);
2. Gukora ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2025);
3. Gusesengura ibyegeranyo Mvamahanga bivuga ku Rwanda;
4. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi;
5. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana ubushakashatsi bukorwa ku miyoborere no ku buryo bwo kwishakamo ibisubizo;
6. Gukora ubushakashatsi ku musaruro watanzwe na gahunda nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo (HGSs).

### 2.2. IMITANGIRE YA SERIVISI, KWIMAKAZA IMIYOBORE MYIZA NO GUHUZA IBIKORWA BY'IHURIRO RY'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE (JADF)

1. Gukora isesengura ryimbitse ku miyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego 50 za leta;
2. Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera";
3. Gukurikirana uko imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere ishyira mu bikorwa ibipimo by'imitangire ya serivisi;
4. Kumenyekanisha ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi;
5. Gutegura ibikorwa by'amarushanwa y' Umurenge Kagame Cup (UKC);
6. Gukurikirana amatora y'umukuru w'igihugu n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko;
7. Gukora ubukangurambaga ku miyoborere, imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda "Imiyoborere Twifuza ";
8. Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (PR-PL);
9. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF).

## 2.3. IMIRYANGO ITARI IYA LETA, ISHINGIYE KU MYEMERERE, FONDASIYO N'IMITWE YA POLITIKI

1. Kwandika imiryango Mvamahanga itari iya leta, imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki yujuje ibyangombwa bisabwa;
2. Kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko mu miryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki (Monitoring & Mapping);
3. Ibiganiro n' imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere ku bijyanye n'imiyoborere, n'iyubahirizwa ry'amategeko;
4. Kongerera ubushobozi imitwe ya politiki;
5. Kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere.

## 2.4. GUKURIKIRANA, KUBAKA UBUSHOBOZI NO GUHUZA IBIKORWA BY'ITANGAZAMAKURU

1. Gukurikirina ivugururwa rya politiki y'itangazamakuru kugira ngo ijyane n'igihe;
2. Kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru;
3. Guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru binyuze mu gutanga ibihembo ku banyamakuru n'ibitangazamakuru byabaye indashyikirwa ;
4. Gukurikirana uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru;
5. Gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bunyamwuga n'iterambere ry'itangazamakuru;
6. Gutegura Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru;
7. Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru;
8. Gukurikirana amahugurwa y'abanyamakuru akorwa n'abafatanyabikorwa;

## 2.5. UBUYOBOZI N'IMIRIMO RUSANGE NO KUBAKA UBUSHOBOZI BW'URWEGO

1. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko by'umwaka wa 2024-2025;
2. Gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya 2025-2026;
3. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB no mu by'abafatanyabikorwa;
4. Gutegura raporo ya RGB y'ibikorwa by'umwaka wa 2024-2025.

## 2.6. INGENGO Y'IMARI YA RGB YA 2024-2025

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, RGB iteganya gukoresha ingengo y'imari ingana n'amafaranga 2.155.154.787 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 26: Ingengo y'imari ya RGB 2023-2024**

| No | Ingengo y'imari ya RGB ya 2024/2025 | |
|---|---|---|
| **I** | **Ingengo y'Imari itangwa na Leta** | **1.933.233.657** |
| 1 | Ubuyobozi n'imirimo rusange | 1.477.682.321 |
| 2 | Ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bw'umwimerere Nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo | 201.607.888 |
| 4 | Imitangire ya serivisi, Imiyoborere myiza na JADF | 98.000.000 |
| 5 | Guteza imbere Imitwe ya politiki, imiryango itari iya Leta n'sihingiye ku myemerere | 145.943.448 |
| 6 | Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru | 10.000.000 |
| **II** | **Imishinga** | **221.921.130** |
| 1 | DDAG Project | 179.787.130 |
| 2 | CSOs Project | 42.134.000 |
| **IGITERANYO** | | **2.155.154.787** |

3



# IGICE CYA GATATU

# IMIGEREKA

# IMIGEREKA

1. Rwanda Governance Scorecard 11$^{th}$ Edition
2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2024)
3. Early Childhood Development Scorecard 3$^{th}$ Edition
4. Assessment of JADF performance, 2024
5. Rwanda Media Barometer 2024
6. Governance and service delivery monitoring report, land sector 2023-2024
7. RGB plan of action 2024-2025

Rwanda Governance Board

# URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

## RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2023-2024

## GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2024-2025



RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA

# 2023-2024

GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA

# 2024-2025